# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-16 | TARIKI 03 - 09 KAMENA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31

AMAKURU
Perezida Kagame yashimiye abatangirije ishuri munsi y'igiti rikaba ubukombe


2

AMAKURU
Umusaruro w'inganda wazamutseho 0.8% muri Mata 2025

5

AMAKURU
Abantu bafite ubumuga mu Rwanda barasaga ibihumbi 560

14

SIPORO
BAL 2025: APR BBC yatsinze Petro de Luanda mu mikino ya nyuma ya Kamarampaka

23

# U Rwanda ntiruzemera gukoreshwa na RDC n'imiryango itagira icyo yitaho

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko u Rwanda rutazemera gukoreshwa na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ikomeje kwirengagiza urugendo rwo gushaka ibisubizo by'ibibazo byayo ijya kuruharabika mu Miryango y'Akarere na Mpuzamahanga.***

Minisitiri Nduhungirehe yabigarutseho anenga bidasubirwaho uburyo Guverinoma ya RDC yagiye guharabika u Rwanda mu Muryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo muri Afurika yo Hagati (ECCAS/ CEEAC), ishyigikiwe na bimwe mu bihugu bigize uwo Muryango.

Uko guharabika u Rwanda kwatumye mu mwaka ushize wa 2023 ruhezwa mu Nama isanzwe yateranye ku nshuro ya 22 kandi biri mu nshingano zarwo, icyo gihe ECCAS ikaba yarayoborwaga na RDC.

KOMEZA KU RUP.3



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko u Rwanda rutazemera gukoreshwa na RDC iruharabika



## U Rwanda rwashoye imishinga 19 ku isoko rya karuboni

INKURU KU URUP.4

## U Rwanda rurakira Inama Nyafurika yiga ku Ikoranabuhanga mu Buhinzi

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guhera kuri uyu wa Mbere tariki ya 9 kugeza ku wa Kane tariki ya 12 Kamena 2025, u Rwanda rurakira Inama Nyafurika yiga ku Ikoranabuhanga ryifashishwa mu Buhinzi (African Conference on Agricultural Technologies/ACAT) ibaye ku nshuro ya kabiri.***

Ni inama yitezweho gufasha ibihugu by'Afurika guhererekanya ubumenyi n'ubunararibonye mu gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ibisubizo by'ikoranabuhanga ku kiragano gishya cy'abahinzi- borozi ba Afurika."

ACAT 2025 iritabirwa n'abayobozi mu nzego zinyuranye, abahanga mu guhanga ibishya, abanyapolitiki, abashakashatsi n'impuguke mu buhinzi bwifashisha ikoranabuhanga,

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame yashimiye abatangirije ishuri munsi y’igiti rikaba ubukombe

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa Gatanu tariki ya 6 Kamwna 2025, Perezida wa Repubulika y’u Rwanda Paul Kagame, yakiriye itsinda ryaturutse mu Ishuri rya Gikirisitu ryitwa Hope Haven (Hope Haven Christian School), ryatangiriye munsi y’igiti ryigisha abana b’inshuke, uyu munsi rikaba ryarabaye ubukombe.***

Ubwo yakiraga iryo tsinda ryari riyobowe n’Umuyobozi akaba n’uwashinze Umuryango Hope Haven Rwanda, Hollern Susan, Perezida Kagame yabashimiye ko bakoze ibyo u Rwanda n’Abanyarwanda bari bakeneye cyane.

Iri shuri ryatangiye mu mwaka wa 2012, amasomo akaba yaratangirwaga mu mahema, inzu zubakishijwe ibyondo no munsi y’igiti.

Ni nyuma y’uko mu mwaka wa 2009, Susan Hollern yakozwe ku mutima n’ubuhamya bwa Bishop Rucyahana na Immaculee Ilibagiza ku byababayeho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n’uko biyemeje gutanga umusanzu wabo mu gukomeza kubaka Igihugu binyuze mu kwimakaza ubumwe n’ubwiyunge.

Nyuma y’ingendo nyinshi yakoze ni bwo yagize iyerekwa ryo gufasha imiryango y’Abanyarwanda n’abakiri bato, binyuze mu burezi n’ubuhinzi. Uyu munsi Hape Haven Rwanda yahindutse Umuryango wigisha abanyeshuri basaga 2000 ukaba unafite abakozi basaga 250 bahoraho.

Uyu munsi ‘Hope Haven Christian School’ ribarizwa muri uwo muryango, ni rimwe mu mashuri asohokamo abana b’abahanga kandi bavamo abantu bakomeye mu nzego zitandukanye.

Iri shuri ni rimwe mu yagezweho atsindisha cyane ku rwego rw’Igihugu, kandi rikaba rinafite intego yo kuba ishuri rya mbere rya gikirisitu rivamo abayobozi b’u Rwanda, ab’Afurika no hanze yayo.

Perezida Kagame yabashimiye ibidasanzwe bakoreye mu Rwanda, agira ati: “Mwarakoze kuba mwarakoze ibyo Igihugu cyacu n’abaturage bacu bari bakeneye. Ubwo twatangiraga uru rugendo, abaturage bacu bari bakeneye cyane kubona uburezi. Ubwo bukene buracyahari kuko uburezi ntibujya bureka kuba ubw’ingirakamaro.”

Aha yahahereye asobanura uburyo na we acyibuka uko yatangiye kwiga ari umwana muto wiberaga mu nkambi y’impunzi, aho na bo bigiraga munsi y’ibiti nta n’ubushobozi bwo kwigurira ikayi n’ikaramu bafite.

Ati: “Nk’umwana muto w’umuhungu wabaga mu nkambi y’impunzi, twigiraga munsi y’ibiti. Twakoreshaga amatako yacu nk’amakayi ndetse n’uduce tw’uduti nk’amakaramu. Ibyo byaduhaye intangiriro nziza. Byari bigoye, ariko twari tuzi ko ari ikintu cyiza cyo gukora. No muri ibyo bihe bigoye twumvaga agaciro ko kwiga.”

Yakomeje agaragaza ko mu rugamba rwo kubohora Igihugu, bisanze nanone bari mu ishuri ritandukanye n’iryo bizemo noneho bari mu ishyamba. Ati: “Aho twari tukirimo kwiga.”

Yakomeje agira ati: “Buri ntambwe y’urwo rugendo yari isomo. Ubutumwa bwo kubohora Igihugu cyacu bwari ubwo gutahura ukuri mu buryo bwose, ubwo kwimenya, kumenya abantu bacu n’inshingano dufite.”

Perezida Kagame kandi yahamije ko iyo utanze uburezi uba utarimo kwigisha byo kwigisha gusa, ahubwo uba urimo gufasha abakiri bato kugera ku ntego zabo.

Hope Haven Christian School kuri ubu ni ishuri rifite uburezi bw’amashuri y’inshuke, abanza ndetse n’ayisumbumbuye, rikaba riherereye mu Karere ka Gasabo Umujyi wa Kigali.



Perezida Paul Kagame, yakiriye itsinda ryaturutse mu Ishuri rya Gikirisitu ryitwa Hope Haven arishimira uruhare rifite mu burezi



Umubare w’ababa mu nzu zabo waragabanyutse

# Ubushakashatsi: Mu myaka Irindwi ababa mu nzu zabo baragabanyutse

KAYITARE Jean Paul

**Mu bushakashatsi bwa 7 ku mibereho rusange y’ingo mu Rwanda (EICV7) bwakozwe n’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare, NISR, bugaragaza ko mu myaka irindwi ababa mu nzu zabo bagabanyutse bituma abakodesha biyongera.**

Ababa mu nzu zabo bari 76.5% mu mwaka wa 2017, mu mwaka wa 2024 bagera kuri 72.4%.

Ubushakashatsi bwa NISR bugaragaza ko mu mwaka wa 2017 abakodesha bari 16.7% mu gihe mu mwaka 2024 bazamutse bakagera kuri 21.3%.

Abatuye mu midugudu bariyongereye kuko bavuye kuri 59% mu 2017 bagera kuri 68% mu 2024. Ababa mu nzu zisakaje amabati bariyongereye bava kuri 67% bagera kuri 76%.

Abubakishiije rukarakara inyuma bagashyiraho sima, bariyongereye bava kuri 30% mu 2017 bagera kuri 42% mu 2024.

Ubushakashatsi bwa 7 ku mibereho rusange y’ingo mu Rwanda, (EICV7) bugaragaza ko serivisi za ngombwa ziyongereye kuko abakoreshaga amasaha abiri arenga bajya ku Kigo nderabuzima bavuye ku 8% bagera kuri 7%, mu gihe ubu bakoresha iminota 30 bavuye kuri 22% bakagera kuri 30%.





# U Rwanda ntiruzemera gukoreshwa na RDC n’imiryango itagira icyo yitaho

IBIKURIKIRA URUP.1

Ku wa Gatandatu tariki ya 8 Kamena 2025, na bwo u Rwanda rweruye ko rwikuye muri uwo Muryango ugizwe n’ibihugu 11 nyuma yo kwamburwa uburenganzira bwo kuwuyobora nk’Igihugu cyari gitahiwe kuko bigenda bisimburana.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko bitangaje kandi bitumvikana kubona RDC ikomeje ibyo bikorwa biharabika u Rwanda mu gihe Perezida wa RDC Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo yahuriye na Perezida wa Repubulika Paul Kagame i Doha muri Qatar ku wa 18 Werurwe mu gushaka umuti urambye w’ibibazo bya RDC n’iby’umubano w’ibihugu byombi udahagaze neza.

Minisitiri Nduhungirehe yakomeje agaragaza ko na we yahuriye na Minisitiri Kayikwamba Wagner i Washington muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) ku wa 18 Mata, bagasinyana amasezerano y’ibanze ateguza urugendo rwo gusinyana amasezerano y’amahoro arambye mu gushaka igisubizo kirambye ku bufasha bwa USA.

Yahamije ko mu kwezi gushize, u Rwanda na RDC byari bihugiye mu biganiro bitanga icyizere cy’amasezerano, ariko ngo “RDC ikomeje kwiriza mu miryango y’Akarere na Mpuzamahanga ishinja u Rwanda kuba intandaro y’imyitwarire yayo idahwitse, hatirengagijije no kurusabira ibihano.”

Yavuze ko u Rwanda rwiyemeje gushyigikira gahunda zose z’ibiganiro bigamije kugarura amahoro haba ibiyobowe n’Umuryango w’Afurika Yunze Ubumwe (AU), ibiyobowe na Amerika ndetse na Qatar, kandi ngo rufite umutima mwiza no guharanira gufata inshingano.

Yakomeje agira ati: “Ariko u Rwanda ntiruzigera rwemera gukoreshwa na RDC itagira icyo yitaho kandi yihebye, guhindurwa n’imiryango y’ubukungu nk’uwa ECCAS kuri ubu urimo gukora ibivuguruza amahame yawo ndetse n’umugambi watumye ishyirwaho.”

Yakomeje ashimangira ko Umuryango ECCAS nta musanzu watanga mu gukemura ikibazo cy’umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC mu gihe hari indi miryango nka EAC na SADC ifite icyo kibazo mu biganza iyobowe na Perezida wa Togo Faure Gnassingbé ari na we uyobora AU.

U Rwanda rwasubiye muri ECCAS mu mwaka wa 2016 nyuma y’imyaka 10 rwari rumaze nanone ruwikuyemo ruvuga ko rwarimo kugabanya akajagari ko kwisanga mu Miryango myinshi.

Gusa u Rwanda ruri mu bihugu byatangije uwo Muryango ku wa 18 Ukwakira 1981 ariko amateka agaragaza ko nta bihambaye Igihugu cyungukiye mu kuwubamo.

# U Rwanda rurakira Inama Nyafurika yiga ku Ikoranabuhanga mu Buhinzi



Inama Nyafurika ku Ikoranabuhanga ryifashishwa mu Buhinzi iteraniye mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

aho baza kuganira ku ikoranabuhanga rigezweho mu buhinzi, ingero z’umusaruro ritanga aho rikoreshwa uko bikwiye ndetse n’ubufatanye mu kwimakaza iterambere ry’ubuhinzi muri Afurika.

Goodluck Jonathan wabaye Perezida wa Nigeria, yagaragaje ibyishimo atewe no kuba ari umwe mu banyacyubahiro bitabira iyi nama, agira ati: “Ubwo twongeye guhura ndasaba abitabiriye iyi nama, abashoramari, abahagarariye za Guverinoma, abafatanyabikorwa mu iterambere, n’abandi bafatanyabikorwa guhuza imbaraga mu kubyaza umusaruro imbaraga z’ubumenyi, ikoranabuhanga n’ubuhanga bugezweho mu kongerera imbaraga uruhererekane rw’ibiribwa ku mugabane wacu.”

Yakomeje agaragaza ko ACAT itakiri inama gusa ahubwo ni Urwego rwibutsa Abanyafurika ko bafite ubushobozi bwo gufungura amahirwe yose y’urwego rw’ubuhinzi n’ubworozi binyuze mu ishoramari riboneye ndetse n’imikoranire y’abafatanyabikorwa.

Dr. Canisius Kanangire, Umuyobozi w’Umuryango African Agricultural Technology Foundation (AATF) utegura iyo nama, yongeyeho ko gukorera iyo nama mu Rwanda ari indi ntambwe ikomeye itewe mu kurushaho guharanira iterambere ry’ikoranabuhanga mu buhinzi bwa Afurika.

Yagize ati: “Mu myaka ibiri ishize twafunguye bwa mbere iyi nama i Nairobi muri Kenya mu biganiro bigamije kugaragaza uburyo hakenewe ikoranabuhanga rigezweho mu buhinzi n’ubworozi. Igitekerezo cyo kuyitangiza cyari cyoroshye, ni ukongera ikoranabuhanga kandi umusaruro watangiye kuboneka.”

Yashimiye abagize uruhare mu gutangiza iyo nama mu mu mwaka wa 2023, yongeraho ati: “Uyu munsi ndabahamagarira kwitabira ibiganiro bibera i Kigali mu nama ya 2025.”

Guverinoma y’u Rwanda, ibinyujije muri Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI), yagaragaje ko yishimiye kwakira abitabiriye iyi nama, ibifuriza kugubwa neza no kurushaho kuryoherwa n’ibyiza bitatse Igihugu.

# U Rwanda rwashoye imishinga 19 ku isoko rya karuboni

ZIGAMA Theoneste

***Leta y'u Rwanda yagaragaje ko ifite imishinga 19 yashoye ku isoko rya karuboni, muri gahunda yo kugabanya ibyuka bihumanya ikirere bikangiza n'ibidukikije.***



**Umuyobozi Mukuru Wungirije w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibidukikije (REMA) Munyazikwiye Faustin, yasobanuye ko u Rwanda rwashoye mu isoko rya karuboni**

Umuyobozi Mukuru Wungirije w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibidukikije (REMA) Munyazikwiye Faustin, yabigarutseho kuwa Kabiri tariki ya 3 Kamena 2025, mu kiganiro yahaye Abasenateri bagize Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari.

Ni ikiganiro cyibanze kuri gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda yo korohereza abaturage kubona ibicanwa bitangiza ibidukikije.

Isoko rya karubone ni isoko ry'Isi yose ryubakiye ku masezerano mpuzamahanga y'imihindagurikire y'ibihe, aho ibihugu bikize byiyemeje kugabanya imyuka yangiza ikirere, ariko kubera ko bitabasha kugera ku kigereranyo bisabwa kugabanya byahisemo ko ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere n'u Rwanda rurimo bigishobora guhangana n'iyo myuka bigira imishinga bikora noneho ibyo bihugu bikize bikayigura.

Munyazikwiye yagize ati: "Uko tubikora, ku bicanwa iyo ukoresha amashyiga atatu, wabara imyotsi yose yasohotse ukoresheje izo nkwi ku mashyiga atatu, niba isohora umwaka wa karuboni jigatoni 100 ni urugero.

Niba ukoze imbabura ibasha kugabanya imyotsi iva mu bicanwa, ni ukuvuga ngo ya mbabura, irasohora imyotsi ingana na jigatoni 10. Ubwo izo 90 watumye zitajya mu kirere kandi zagomba kujyayo. Izo rero ni zo ushobora kuba wagurisha."

Yavuze ko kompanyi zikomeye n'ibindi bihugu biteye imbere ari byo byiyemeje kugura iyo ngano y'imyuka iba yabujije kujya mu kirere ngo icyanduze.

Ati: "Igiciro cyo kirahindagurika, hari aho bikorwa ku bwumvikane bw'umucuruzi n'umuguzi, hakaba n'ibindi bukorwa bishingiye ku masezerano mpuzamahanga ku mihindagurikire y'ibihe, aho hava ayo mafaranga."

REMA yagaragaje ko kugeza ubu u Rwanda rufite imishinga 19 ku isoko rya karuboni.

Munyazikwiye ati: "Hari imishinga 12 iri mu rwego rwo gutunganya no guteza imbere imbabura n'ibindi bikoresho byo guteka bidahumanya ikirere harimo kandi imishinga 3 ijyanye n'ubusitani n'amashyamba, ndetse n'imishinga 4 iri mu rwego rwo gusukura amazi."

Senateri Alexis Mugisha yagaragaje ko igihe isoko rya karubone (carbon ryaba ritangiye kwinjiza amafaranga, abaturage bagize uruhare muri iyo mishinga bakagombye kuba mu babyungukiramo, bikaba byabatera imbaraga zo gukomeza kurengera ibidukikije.

Yagize ati: "Hakwiye kubaho uburyo buri wese yungukiramo aho kugira ngo bamwe bunguke abandi babihomberemo. Nk'uko bigaragara mu mushinga wa Green Gicumbi, aho umuturage ahabwa ingemwe cyangwa Imbabura igezweho itangiza ikirere, n'abatuye mu mijyi bagize uruhare mu kugabanya imyuka ihumanya ikirere bakwiye guhabwa agahimbazamusyi."

Yakomeje agira ati: "Urugero, umuntu wahisemo gukoresha gaze aho gukoresha amakara kubera ko yitaye ku kurengera ibidukikije, n'ubwo gaze ihenda akwiye guhabwa ishimwe."

Senateri Mugisha yanatanze igitekerezo cy'uko nk'uko abantu batumiza imodoka za hybrid cyangwa izikoresha amashanyarazi (EVs) bagira uruhare mu kurengera ibidukikije, byakabaye byiza ko no ku isoko rya karubone bitekerezwaho, ku buryo uwayitumije yagira inyungu aboneraho.

Minisitiri w'Ibidukikije Dr Uwamariya Valentine yavuze ko ibyo byigeze kwitabwaho mu bihe byashize, aho abatumije imodoka za Hybrid na EVs batishyuraga umusoro ku gipimo cya 100%, ndetse hari impinduka zabayeho, nubwo zitarushaho kwiyongera cyane.

Yagize ati: "Twese hamwe tugomba kubanza kumva inyungu rusange, aho buri wese yirinda kureba inyungu ze bwite. Uko abantu bagenda batumiza imodoka za Hybrid na EVs, ni inyungu rusange aho kuba iy'umuntu umwe ku giti cye."

Ku bijyanye n'ikibazo cyagaragajwe n'abasenateri ku buryo inyungu zivuye mu isoko ya karubone zasaranganywa, REMA yasobanuye ko nko mu gihe muri community hatewe ishyamba rizabungwabungwa mu gihe cy'imyaka 15 kugeza kuri 20, amafaranga azava ku isoko rya karuboni azagabanywa, aho 30% azahabwa abaturage mu gihe 40% yahabwa uwatangije umushinga, na ho 30% agashyikirizwa Leta.

### Uko u Rwanda rwinjiye ku isoko rya karubone

Isoko ry'u Rwanda rya Karubone ryatangijwe mu mpera z'umwaka wa 2023, nyuma y'uko rutangiye kwigira ku bihugu byamaze gutera intambwe ku buryo bwo kuribyaza umusaruro.

Igiciro kuri iryo soko, gishingira ku kiguzi cy'ingaruka z'iyo myuka ihumanya ikirere ku buzima n'imibereho by'abaturage, ubushakashatsi bushya bugaragaza ko ingaruka za karubone ku Isi ziyihesha ikiguzi cy'impuzandengo y'amadolari y'Amerika 3 kuri toni.

Mu gihe Isi iteganya kugabanya nibura toni miliyari 80 z'ibyuka bya $CO_2$ bihumanya ikirere bitarenze mu mwaka wa 2050 nk'uko biteganywa mu Masezerano y'i Paris, bivuze ko Isi izaba irengeye miliyari 240 z'amadolari y'Amerika.

U Rwanda rwiyemeje kubaka ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe mu nzego umunani z'ingenzi ari zo umutungo kamere w'amazi, ubwikorezi no gutwara abantu, ubucukuzi, amashyamba, imiturire, ubuzima ndetse n'izindi.

Byose bigamije kugabanya nibura toni miliyoni 7.5% z'ibyuka bihumanya ikirere bitarenze mu mwaka wa 2030, ugereranyije n'uko byazaba byifashe nta gikozwe, aho rwazohereza mu kirere toni miliyoni 12.1 z'ibyuka bihumanya ikirere.

Biteganyijwe ko toni miliyoni 3.15 zizagabanywa binyuze muri gahunda na politiki byashyizweho na Guverinoma y'u Rwanda, mu gihe toni miliyoni 4.35 zizagabanywa binyuze mu nkunga z'Umuryango Mpuzamahanga.

Kugira ngo izo ntego zigerweho, u Rwanda rwiyemeje gukusanya miliyari 11 z'amadolari y'Amerika, zirimo miliyari 5.7 z'amadolari y'Amerika zo gukumira ndetse na miliyari 5.3 zo kubaka ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere.

Muri iyo ngengo y'imari u Rwanda rwiyemeje gukusanya miliyari 4.1 z'amadolari y'Amerika, mu gihe miliyari 6.9 z'amadolari zitezwe kuva mu Muryango Mpuzamahanga.





# Perezida Kagame na Tebboune bikomye amahanga yivanga muri Politiki y'Afurika

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, ku wa Gatatu tariki 4 yasoje uruzinduko rw'iminsi ibiri yagiriye muri Algeria, ahasinyiwe amasezerano 11 y'ubufatanye bw'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye.***

Umunsi wa mbere w'urwo ruzinduko Perezida Kagame yatumiwemo na mugenzi we wa Algeria Abdelmadjid Tebboune, waranzwe n'ibiganiro byagarutse ku butwererane bw'ibihugu byombi, ahanagarutswe ku ngingo zirebana n'Akarere bamagana ukwivanga kw'amahanga muri Politiki n'imibereho by'Abanyafurika.

Perezida wa Algeria Abdelmadjid Tebboune yashimiye uru ruzinduko abona nk'amahirwe akomeye yatumye bagirana ibiganiro byatanze umusaruro.

Yashimangiye ko yatumiye Perezida Kagame kugira ngo haganirwe ku buryo hakenewe kongerera umuvuduko ubutwererane bw'ibihugu byombi.

By'umwihariko yavuze ko ibiganiro yagiranye na Perezida Kagame byibanze ku kureba ingamba zo kurushaho kwagura ubutwererane mu bya Politiki, umutekano, ubukungu, umuco no gushyiraho uburyo bufasha kurushaho kwimakaza ubuhahirane bw'ibihugu byombi.

Abakuru b'Ibihugu bombi kandi banafashe igihe cyo kungurana ibitekerezo ku bibazo by'Akarere ndetse n'iby'Isi muri rusange, aho bombi bashimangiye agaciro baha ihame ryo gukemura amakimbirane mu mahoro.

Baboneyeho kwamagana ukwivanga kw'amahanga muri Politiki n'imibereho by'umugabane w'Afurika, bigira ingaruka zikomeye zirimo umutekano muke, ubushyamirane buhoraho no gusahura imitungo kamere bya Afurika.

Kuri iyo ngingo, Perezida Kagame na Perezida Tebboune bashyigikiye abaturage bo mu gace ka Sahel bashimangira uburenganzira bafite bwo kwihitiramo abayobozi binyuze muri referandumu inyuze mu mucyo kandi yubahiriza amategeko mpuzamahanga.

Bavuze kandi ko hakenewe gushyira iherezo ryihuse ku bitero bigabwa ku baturage ba Palestine no koroshya imiyoboro inyuzwamo imfashanyo kugira ngo uburenganzira bw'abaturage burusheho kubahirizwa.


Perezida Kagame na we yavuze ko ibiganiro yagiranye na Tebboune byari ibyubaka kandi bishingiye ku bushuti bwashinze imizi hagati y'ibihugu byombi.

Yashimye ubutwererane bw'ibihugu byombi n'uburyo bishyigikirana mu rubuga mpuzamahanga ku ngingo zirebana n'Akarere ndetse n'izo ku rwego mpuzamahanga.

Ku rundi ruhande u Rwanda na Algeria byasinyanye amasezerano 11 y'ubufatanye mu nzego zirimo ikoranabuhanga, guhanga imirimo, guhanga ibishya, ubutwererane mu kubaka ubukungu bushingiye ku ikoranabuhanga, guteza imbere ishoramari, kwimakaza inganda zikora imiti no guhererekanya amahugurwa mu mirimo ndetse no hagati ya Polisi.

Mu yandi masezerano yasinywe harimo ajyanye n'ubufatanye mu itumanaho, ubuhinzi, amashuri makuru na kaminuza, ubushakashatsi mu bya siyansi, iterambere ry'ikoranabuhanga, ubwikorezi bwo mu kirere, ubutwererane mu rwego rw'ubutabera no gukuriraho viza abatunze pasiporo za dipolomasi n'iza serivisi.

Muri uru ruzinduko byanahishuwe ko u Rwanra ruteganya gufungura Ambasade yarwo mu Murwa Mukuru wa Algeria, Alger.



**Perezida Kagame na Tebboune wa Algeria bamagana amahanga yivanga muri Politiki ya Afurika**

Uretse amasezerano, abayobozi batandukanye baherekeje Perezida Kagame banagiranye ibiganiro na bagenzi babo bo muri icyo gihugu. Abo barimo Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda waganiriye na mugenzi we Gen. Saïd Chanegriha, na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Nduhungirehe waganiriye na mugenzi we Ahmed Attaf.

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Paula Ingabire na we yagiranye ibiganiro na mugenzi we Sid Ali Zerrouki, mu gihe Umuyobozi w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) Jean-Guy Afrika yaganiriye n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe guteza imbere Ishoramari Omar Rekkache.

Ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Houari Boumediene, Perezida Kagame asoza uruzinduko, yaherekejwe na Minisitiri w'Intebe Nadir Larbaoui, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Ahmed Attaf, Minisitiri ushinzwe Amashuri Makuru na Kaminuza n'Ubushakashatsi mu bya Siyansi Kamel Baddari na Minisitiri w'Ikoranabuhanga Sid Ali Zerrouki.

# Umusaruro w'inganda wazamutseho 0.8% muri Mata 2025

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyagaragaje ko umusaruro w'inganda wazamutseho 0.8% muri Mata 2025, ugereranyije n'ukwezi kwa Mata k'umwaka ushize wa 2024.***

Ibyo byagarutsweho muri raporo ngarukakwezi y'umusaruro w'inganda, IIP (Index of Industrial Production) yasohotse ku wa 4 Kamena 2025, igaragaza ko umwaka wose wa 2024 umusaruro w'inganda wazamutseho 6.9%.

Muri Mata uyu mwaka, umusaruro ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri wiyongereyeho 3,6%, uw'ibitunganyirizwa mu nganda wiyongereyeho 4,6%, amashanyarazi yiyongeraho 0.4%, mu gihe amazi n'isukura wiyongereho 0,6.%.

Mu musaruro wose hamwe wa 1,7% ku byatunganyirijwe mu nganda, izamuka rya 7,8% ryashingiye ku bikorwa byo gutunganya no kongera agaciro k'ibiribwa, uwa 19,3% uturuka bikoresho byo mu nzu n'ibindi bikorwa.

Umusaruro w'ibikorwa by'inganda zitunganya ibintu wiyongereyeho 4.6%.

Uku kwiyongera kwatewe ahanini n'izamuka rya 4.5% mu gutunganya ibiribwa, ndetse no kwiyongera kwa 0.9% mu gukora ibinyobwa n'itabi.

Ariko kandi, inganda zitunganya ibikoresho bitari iby'ibyuma (nk'amatafari, sima n'ibindi) zagabanutseho 6.1%, ndetse n'inganda zitunganya imiti, plastiki n'ibikoresho bya kawuco zagabanutseho 2.3%.



**Umusaruro w'inganda wazamutseho 0,8% ugereranyije n'uwo muri Mata umwaka washize**



Abayisilamu bibukijwe gukunda Igihugu kuko ari cyo zingiro ry'ibindi byose

# Abayisilamu mu Rwanda basabwe gukunda Igihugu nka Ibrahim

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mufti w'u Rwanda Sheikh Mussa Sindayigaya yasabye Abayisilamu kurangwa n'indangagaciro zaranze Intumwa y'Imana Aburahamu (Ibrahim), zirimo gukunda Igihugu kuko ari cyo zingiro ry'imibereho myiza n'iterambere ryabo.***

Sheikh Sindayigaya yabigarutseho mu butumwa yagejeje ku Bayisilamu bateraniye kuri Pele Stadium i Nyamirambo, mu gihe bifatanyije n'abandi ku Isi yose kwizihiza Umunsi Mukuru w'Igitambo (Eid-al Adha) ku wa Gatanu tariki ya 6 Kamena 2025.

Uyu munsi w'Igitambo utambirwamo amatungo arimo inka, ihene, intama n'ingamiya aho ziboneka, ukaba warakomotse ku gitambo Imana yashumbushije Ibrahim wari ugiye gutamba umwana we Ismael.

Sheik Sknayigaya avuga ko iryo turo ritangwa n'umuntu ashimira Imana ko yamuhaye ingabire zitandukanye, agasangira n'inshuti n'imiryango ndetse n'abakene.

Nyuma yo kugaruka ku mateka ya Ibrahim nk'uko ari muri Korowani, Sheikh Sindayigaya yasabye abemeramana bose kurangwa n'indangagaciro zamurangaga.

Yavuze ko Ibrahimu yasabiraga igihugu cye umutekano, amahoro, ubukire, uburumbuke n'iterambere, bityo Abayisilamu bo mu Rwanda ngo bakwiye kugera ikirenge mu cye.

Ati: "[…] Kandi Ibrahim akomeza asenga Imana ati abaturage b'iki gihugu ubahe amafunguro, ubahe ubukire. Ibyo byose ni ibigaragaza ko Ibrahim yakundaga Igihugu, akagisabira ibyiza ndetse akanasabira abagituye umutekano n'ibyiza n'ubukire n'ubukungu n'iterambere."

Yahamije ko izo ari indangagaciro umwemeramana agomba kurangwa na zo, agakunda Igihugu cye ndetse akagisabira ibyiza kandi agahora ahangayikishijwe n'ikibi cyose cyaba ku gihugu cye.

Yakomeje agira ati: "Igihugu cyawe gisobanuye ubuzima bwawe, abawe n'ibyawe. Iyo gihungabanye ibyawe n'abawe n'ubuzima bwawe byose birahungabana."

izindi ndangagaciro basabwe kwimakaza nk'uko zarangaga Ibrahim ni ukwakira abashyitsi, kubaha ababyeyi no kuzibukira gusenga ibigirwamana.

Amasengesho kuri uyu munsi mukuru yatangiye saa kumi n'ebyiri mu bice bitandukanye by'Igihugu, asoza saa yine.

# 2025/2026: Abiga ishami ry'abafasha b'abaforomo bazagera ku 1000

**ZIGAMA Theoneste**

***Leta y'u Rwanda yatangaje ko ifite gahunda yo kongera umubare w'abanyeshuri biyandikisha mu Ishami ry'abafasha b'abaforomo mu mashuri yisumbuye (Associate Nursing Programme) bakagera ku 1000 biterenze umwaka utaha w'amashuri 2025/2026.***

Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), ivuga ko iyo gahunda izajyana no kongera umubare w'ibigo by'amashuri byigisha ayo masomo bikava kuri 18 biriho ubu bikagera kuri 24.

Umuyobozi ushinzwe imyigishirize mu guteza imbere abakozi muri Minisiteri y'Ubuzima Dr. Menelas Nkeshimana, yagaragarije itangazamakuru ko kongera umubare w'abiga ubuvuzi, ari imwe mu ngamba zigamije gukemura ikibazo cy'ibura ry'abakozi b'inzobere mu rwego rw'ubuzima.

Yagize ati: "Ubu umubare w'abanyeshuri biyandikisha muri iryo shami buri mwaka uri hagati ya 600 na 700."

Yakomeje agira ati: "Turifuza ko bazajya bagera ku 1.000 buri mwaka, kandi ibyo bisaba ko hafungurwa andi mashuri mashya. Ayo mashuri arimo gusuzumwa kugira ngo harebwe niba yujuje ibisabwa, kugira ngo atange amasomo y'ubumenyi ngiro mu buvuzi."

Dr. Nkeshimana yagaragaje ko kwagura uwo mushinga ari ingenzi mu kuziba icyuho cy'abakozi bo mu rwego rw'ubuzima, agaragaza ko abaganga bavunika cyane kubera akazi kenshi.

Yagize ati: "Hari aho usanga ibigo nderabuzima bihamagara amanywa n'ijoro bisaba ubufasha bw'abakozi. Duteganya ko kongera umubare w'abaforomo batojwe neza bizagabanya uwo mutwaro."

Guhera mu mwaka wa 2022 kugeza mu 2024, abanyeshuri barenga 1.000 barangije amashuri yisumbuye atanga amasomo y'ubumenyi ngiro mu buvuzi.

Abaforomo 220 bo mu itsinda rya mbere ry'uyu mushinga bamaze koherezwa gukorera mu bigo nderabuzima bitandukanye mu gihugu, aho hari ikibazo cy'abakozi bake.



Umubare w'abafasha b'abaforomo uzakomeza kwiyongera

Itsinda rya mbere ry'uyu mushinga ryasoje amasomo mu 2024, mu gihe irindi tsinda ritegerejwe gusoza mu 2026.

Ku banyeshuri nka Alice Karemera, wiga mu mwaka wa Gatatu w'amashuri yisumbuye mu Karere ka Gasabo, kwagura uwo mushinga ni amahirwe yo kugera ku nzozi amaranye igihe kirekire.

Ati: "Nahoraga nifuza gukorera mu rwego rw'ubuzima. Mu muryango wanjye harimo benshi bakora ibijyanye n'ubuzima kandi bampaye icyerekezo. Mu gihe natoranyaga icyo kwiga mu mashuri yisumbuye yisumbuye, nahisemo ubumenyi ngiro mu buvuzi ku nshuro ya mbere."

Akomeza agira ati: "Ndimo gukora cyane kugira ngo nzatsinde neza ibizamini bya Leta, biri imbere, maze nzabe umwe mu bazarangiza ayo masomo. Nizeye ko ari intangiriro y'umwuga w'inzozi zanjye."

Uyu mushinga wa Associate Nursing Programme watangijwe binyuze ku bufatanye bwa Minisiteri y'Ubuzima na Minisiteri y'Uburezi, nk'igisubizo cya Leta mu kongera umubare w'abakozi bo mu rwego rw'ubuzima ugereranyije n'ubwiyongere bw'abaturage.

Byitezwe kandi ko uyu mushinga uzagira uruhare mu gushyigikira gahunda ya 4×4, gahunda y'igihugu igamije gukuba kane umubare w'abakozi bo mu rwego rw'ubuzima mu gihe cy'imyaka ine.

Kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2023, u Rwanda rwari rufite hafi abakozi 28,000 bo mu rwego rw'ubuzima.

Muri bo, hafi 15,000 bari abaforomo, abarenga 2,000 bari ababyaza, hafi 7,000 bari abahanga mu yandi mashami y'ubuvuzi, na ho abaganga b'inzobere bari hafi 700.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Si ubwa mbere u Rwanda ruvuye muri ECCAS*

*U Rwanda ruri mu bihugu byatangije Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika yo Hagati (ECCAS/CEEAC) ariko ni wo Muryango rwavuyemo inshuro zirenze imwe kuva washingwa mu 1981.*

*Imwe mu nkuru zikomeje gukwirakwira mu bitangazamakuru binyuranye ku Isi ishingiye ku itangazo Guverinoma y'u Rwanda yashyize hanze ku mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki ya 7 Kamena 2025, ivuga ko u Rwanda rwikuye muri uwo Muryango rwagizemo uruhare mu ishingwa ryawo.*

*Byatunguye abantu benshi bitewe n'uburyo bazi u Rwanda nk'igihugu cyitwararika ku bijyanye no gusigasira umubano kigirana n'ibindi bihugu cyangwa imiryango mpuzamaahanga.*

*Bamwe mu batunguwe bibazaga niba icyo cyemezo kitafashwe nk'ikubagahu ryatewe no kutishimira kuba u Rwanda rwambuwe uburenganzira bwo kuyobora uwo Muryango kuko ari cyo gihugu cyari gitahiwe muri gahunda iteguwe neza yo gusimburana kw'abanyamuryango.*

*Ukwikura muri uwo Muryango birenze guharanira uburenganzira gusa ahubwo bikubiyemo no kwihesha agaciro, gushyira imbaraga aho zikenewe no kwirinda kwicarana n'abagambanyi hamwe n'abadashobora guhagarara ku kuri kw'ibyo biyemeje gukora.*

*Ubwa mbere u Rwanda rwikuye muri ECCAS hari mu mwaka wa 2007, na bwo bisa nk'aho rutabonaga impamvu rukwiye kuguma muri uwo Muryango mu gihe hari n'indi miryango inyuranye rubarizwamo kandi ibihugu biyigize bijya guhura.*

*Nyuma y'imyaka isaga umunani, u Rwanda rwongeye kwiyemeza gusubira muri uwo Muryango watangaga icyizere cyo gushyira mu bikorwa umwihariko wawo ubyarira inyungu ibihugu byose biwugize, ariko nyuma y'indi myaka ikabakaba 10 bibaye ngombwa rwongera kubona ko kwifatanya n'abawubarizwamo nta nyungu bizatanga.*

*Kwitandukanya n'abo mudahuje icyerekezo bifite umumaro uruta uwo kwifatanya n'abo muhuje, kuko ikiguzi cyo kwirengagiza agaciro kawe kirahenze cyane ku buryo uwagitanze aba atakibasha kwiyobora, asigaye ategereza abandi ngo bamufatire imyanzuro ndetse bamugenere ibyo bakeka ko akwiriye guhabwa.*

*Byaba ari agahomamunwa kubona u Rwanda rwifuza kubana neza n'ibihugu by'abaturanyi rwisanze nta jambo rukigira kubera kumvira imyumvire y'abo baturanyi bahisemo uruhande babogamiraho na rwo rushingiye ku kwirengagiza inshingano z'ibikwiye gukorwa.*

*Mu gihe Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ihanganye n'ibibazo by'umutekano muke bishingiye ku miyoborere mibi no kwirengagiza inshingano, u Rwanda rutwererwa kuba nyirabayazana w'ibyo bibazo maze bikaba impamvu yo gutamikwa amahanga ngo arukomatanyirize ngo anarugenere ibihano.*

*Umuryango ECCAS na wo waguye muri uwo mutego wo kumva amarira ya RDC, wirengagiza gushyira imbere guharanira ukuri ari na ko gutanga icyizere cy'igisubizo kirambye ku mutekano muke mu Karere n'Afurika muri rusange.*

*Ubutwererane n'amahanga ntibuzahagarara kuko u Rwanda rubukeneye cyane mu gihe ashyigikira urugendo rwiyemeje rwo guharanira iterambere rishingiye ku kuri no gufata inshingano. Amasomo u Rwanda rwigiye ku mateka yarwo ntarwemerera kurebera mu gihe hari abashyize imbere kurwambura agaciro karwo.*



Kuba umuntu yarize amashuri ya kaminuza ntibikuraho ko ashobora kongeraho n'umwuga

# Kurangiza kaminuza ntibivuze ko utakwiga umwuga-MINEDUC

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) ishimangira ko kuba umuntu yarize amashuri ya kaminuza bidakuraho ko ashobora kongeraho n'umwuga kuko byagaragaye ko mu gihe kiri imbere abazabona akazi benshi ari abize imyuga.***

Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC) Madamu Irere Claudette, yabikomojeho ku wa Mbere tariki ya 2 Kamena 2025, yakanguriye abantu bize kaminuza kongeraho imyuga ubwo i Kigali hatangizwaga imurikagurisha ry'ibikorwa by'abanyeshuri biga Tekinini imyuga n'ubumenyi ngiro (TVET EXPO) no kugaragaza ubumenyi ngiro.

Yagize ati: "Urangije kwiga ntabwo bivuze ko udakwiye kwiga umwuga, Isi ya none isaba ko umuntu afungukira muri byinshi. Ntabwo bivuze ngo warangije kwiga ukomeje gushaka akazi cyangwa warakabonye ngo bikubujije kugira ikindi urenzaho."

Yavuze ko MINEDUC yabonye ko abantu bize kaminuza bamaze gusobanukirwa ko kwiga imyuga ari ingirakamaro.

Yagize ati: "Abiga kaminuza bararangiza, bakavuga bati reka nongereho n'umwuga. Turababona muri gahunda y'amasomo y'igihe gito, abarangije muri kaminuza, haba harimo n'abarangije amashuri yisumbuye ariko batarakomeza muri kaminuza; biga ayo masomo kuko atuma bahita babona akazi."

Yasabye abantu gukomeza kugana amashuri ya tekiniki imyuga n'ubumenyi ngiro kugira ngo bizafashe Leta kugera ku ntego ifite y'uko abiga bose nibura 60% byabo baba biga amasoma ya tekiniki imyuga n'ubumenyi ngiro (TVET).

Ati: "Iyo witegereje aho akazi kari, kari mu biga ibingibi. Mu gihe rero tutaragera ahongaho turacyakomeje."

Yamenyesheje ko ubu hirya no hino mu Gihugu hashyizwemo gahunda zo kwiga amasomo y'igihe gito, aho ushaka kwiga yagana amashuri yigisha imyuga hanyuma akaba yakwiga mu mpera z'icyumweru no mu yindi minsi yaboneka.

Umwe mu bitabiriye iryo murikagurisha ukora muri kampanyi itanga amahugurwa y'igihe gito ku bijyanye n'ubukerarugendo, avuga ko ababaga barize andi masomo, babaha ubumenyi bubafasha kwihangira imirimo no kubona akazi.

Yagize ati: "Abo twakira barize ibindi usanga rwose babyungukiramo, yarangiza ukumva kompanyi iramuhagaye na we akaba abonye umurimo, nyamara ibyo yize mbere bitari byarawumuhaye."

Ku rundi ruhande, uwize ayo masomo ya TVET agaragaza ko Leta ikwiye kuborohereza kubona igishoro binyuze kubafasha gukorana n'ibigo by'imari bikabaha inguzanyo zabafasha gushyira mu ngiro imishinga bafite.

Yagize ati: "Habaho uburyo bw'uko abize imyuga bafashwa kubona inguzanyo, no korohereza imisoro, kuko hari ubwo ujya gutangira ukavuga uti se imisoro nzayishobora?"

Minisiteri y'Uburezi yemeza ko ubu hashyizweho gahunda yo gufasha abantu bize imyuga kwigira ku murimo ku buryo ababiyobotse bagenda baboneramo n'amahirwe y'akazi.

Leta y'u Rwanda kandi ikomeje gushaka uko abize tekiniki, imyuga n'ubumenyi ngiro babona amahirwe yo kubyaza umusaruro ibyo bize.



Abarimu bakora mu byumba bya Siyansi n'Ikoranabuhanga ni bo bahuguye abanyeshuri

# NESA yasobanuye ibijyanye n'imishinga y'abanyeshuri biga Siyansi

KAYITARE Jean Paul

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, NESA, cyasobanuye ibijyanye n'imishinga y'abanyeshuri biga amasiyansi mu mashuri yisumbuye izwi nka Projects Based Assessment, PBA.***

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr. Bernard Bahati, yavuze ko iyi mishinga idatangiye ubu kuko n'ubundi abanyeshuri bayikoraga ariko ngo ntabwo mu by'ukuri bayifataga ngo bayikoreshe mu masuzuma amwe n'amwe.

Icyakoze avuga ko ku munsi mpuzamahanga wa Siyansi, abana benshi bagaragaza ibyo bakoze.

Akomeza agira ati: "Turimo turavuga tuti aho kugira ngo tugume dutange ikizamini, iri suzumangiro abana basubiza banditse, twakwigiye kuri aba banyeshuri bandi bakora imishinga noneho tukabishyira mu mashuri yose, aho abanyeshuri bazajya bakoresha ibikoresho bigaragara bihari batiriwe bajya muri laboratwari hanyuma bigasimbura icyo kizamini bajyaga bakora ngiro ariko banditse.

Ni uko uwo mushinga waje hanyuma tugira Imana tubona n'umufatanyabikorwa dukorana, turabitangira uyu mwaka wari uwa gatatu."

Ubuyobozi bwa NESA bugaragaza ko abana barimo gukora imishinga babihereye biga mu mwaka wa Kane, mu wa Gatanu none bageze mu wa Gatandatu.

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr Bahati, agira ati: "Kandi koko nk'uko amakuru atugeraho ya bariya bana, yaba ari n'abarimu biraruta ngo nkubaze ku rupapuro ngo nafashe ikinyabutabire, iki n'iki nyihuza n'iki ngo ubwo haravamo ikindi gifite ibara risa gutya.

Ahubwo gerageza umuhe ibintu abikore, anabigaragaze noneho aze gusobanura ikiruseho, aze gusobanura ibyo yakoze uko yabikoze."

# Gicumbi: Ubuhinzi bw'ikawa bwatumye abagore bitinyuka biteza imbere

NYIRANEZA Judith

*Ubuhinzi bw'ikawa mu Murenge wa Bwisige kuri site ya Gihuke, mu Karere ka Gicumbi bwatumye bamwe mu bagore basohoka mu rugo bakorera amafaranga, biteza imbere mu gihe mbere bibwiraga ko bagomba gukora imirimo yo guhinga n'iyo mu rugo gusa.*

Umwe muri bo witwa Mukamwezi Liberata yavuze ko atari azi ko umugore ava mu rugo ngo ajye gukora indi mirimo yinjiza amafaranga, ariko ko aho umushinga Green Gicumbi uhagereye, yitinyutse bimufasha gutera imbere.

Yagize ati: "Kera sinari nzi kuva mu rugo ngo mpure n'abandi bantu, nabyukaga njya guhinga ngataha ngateka, numvaga nta kindi ngomba gukora. Green Gicumbi ije ivuga ko ikeneye ko abagore baza bagakorera amafaranga bakiteza imbere.

Ubu ndi umugore ujya mu bandi muri koperative, nsigaye njya imbere, nkaba navuga ijambo imbere y'abantu naho ubundi mbere naritinyaga."

Yavuze ko mbere yahingaga ariko izuba ry'u kwa 7 ryava bikuma, yahinga mu kwa 9, imvura ikaza ikabikushumurana n'isuri. 139.

Ati: "Mbere nta kintu na kimwe nari mfite, ariko ubu mfite initi 139, narasaruye bwa mbere nkuramo 50 000Frw, mbishora mu dutsinda, aho mfite ubwizigame mu matsinda 4 nishyura 200 buri kwezi nishyura 10 500 nkuramo ibihumbi 150, ngashakissha akandi karima nkakagura kandi byose mbikura mu ikawa."

Nshimiyimana Faustin wo mu Mudugudu wa Gihuke, Akagari ka Nyamugari mu Murenge wa Bwisige we avuga ko Green Gicumbi yatumye yongera initi by'ikawa.

Ati: "Mbere nari mfite ibiti bigera ku 127, umushinga Green Gicumbi uje ngira 1200. Waraje utera ku butaka bwacu, nyuma yaho twabonye impinduka.

Ubu iyi sizeni nabashije kuguramo ikimasa cya 500 000Frw, ndihira abana ku ishuri nanishyura Mituweli."

Yagarutse ku kuba ubuhinzi bw'ikawa atari ubw'abagabo gusa.

Ati: "Abagabo si bo bagomba guhinga ikawa, kuko abagore bakuye amaboko mu mifuka bahinga ikawa, babashije kugira aho bikura naho bigeza."

Yagaragaje ko ikawa yinjiza amafaranga menshi kandi mu gihe gito.

Ati: Uwateye inturusi asarura nko mu myaka 4, ntarenze 500 000Frws, mu gihe uwahinze ikawa akagira nk'ibiti 1000 atabura gusarura imwinjiriza asaga miliyoni."

Kagenza Jean Marie Vianney, Umuyobozi w'umushinga Green Gicumbi avuga ko bishimishije kuba abaturage bafite icyerekezo cyo kubyaza umusaruro wabo ubutaka, abasaba gufata icyemezo cyo guhinga ikawa kandi ko yifitemo ubushobozi bwoguhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Ati: "Mu bijyanye n'imihindagurikire y'ibihe, Ikawa ifata imyuka ihumanya ikirere, igafata ubutaka kandi igatanga amafaranga."

Kagenza yabasabye ko Koperative y'abahinzi b'ikawa bakomeza kuyiteza imbere, bakongera ubuso bakongera ibiti by'ikawa kugeza ubwo bazahuzwa n'abafatanyabikorwa ndetse bakanayitunganyiriza ikagera ku isoko ryagutse.



Abagore bahinga ikawa baritinyutse





# Ibikoresho by'iyanga biracyazitiye amashuri y'imyuga na tekinike

KAMALIZA Agnes

***Urwego rw'igihugu rushinzwe guteza imbere tekinike, imyuga n'ubumenyingiro (RTB), rugaragaza ubuke bw'ibikoresho ndetse n'ibindi bitakigendanye n'igihe biri mu bibazo by'ingutu bibugarije.***

Umuyobozi wa RTB, Eng. Paul Umukunzi agaragaza ko nubwo bakoze ibishoboka amashuri y'imyuga, tekinike n'ubumenyingiro akabona ibikoresho byo kwifashisha ariko mu by'ukuri bidahagije kandi n'ibihari bigenda bisaza bitewe na tekinologi n'uko Isi yihuta mu iterambere.

Avuga ko bitewe n'amikoro adahagije batabona ibikoresho byose uko babyifuza.

Yagize ati: "Imbogamizi ya mbere ni ukubona ubushobozi bw'amafaranga akenewe kugira ngo adufashe kwihaza muri



Ibikoresho byo kwifashisha mu mashuri y'imyuga, tekinike n'ubumenyingiro ntibihagije

bya bikoresho bikenewe mu mashuri yacu."

Akomeza avuga ko nubwo bagerageza gushyira imbaraga mu kugura ibikoresho ariko batabona ibigezweho mu mashuri yose cyane ko bihinduka ku isoko buri munsi bitewe na tekinologi.

Ati: "Kwigisha tekinike bigezweho bijyana na tekinologi y'uyu munsi kandi igihe twatangiriye urebye ibyo dufite mu mashuri ntabwo bikijyanye n'igihe byagiye bisaza, cyane ko muzi ko tekinologi ari umunsi ku wundi."

Eng. Umukunzi akomeza avuga ko nubwo bimeze bityo ariko bari kwishakamo ibisubizo aho hari uburyo bushya bwo gufasha abanyeshuri gushyira mu ngiro ibyo bize bakigira ku murimo aho kimwe cya kabiri ku ishuri ikindi bakimara mu bigo bibafasha kwimenyereza (Technical Training Program).

Avuga ko hari kampani z'abikorera zirimo iy'u Busuwisi n'u Budage bemeranyije kujya bafasha abanyeshuri, aho ku mashuri bazajya bahakorera ibikorwa bishoboka bijyanye n'ibikoresho bihari ibindi bakabikomereza ku makampani.

Yagize ati: "Hari ubundi buryo twangiye gushyira mu bikorwa aho umunyeshuri yiyandikisha ku ishuri no muri kampani icyarimwe noneho kimwe cya kabiri akakimara ku ishuri ikindi akakimara kuri kampanyi ku buryo ku ishuri ashyira mu ngiro bikeya ibindi akabikorera kuri kampani."

Gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere, NST2 ishimangira kuzamura ireme ry'uburezi mu mashuri ya tekinike, imyuga n'ubumenyingiro, (TVET) aho bizakomeza gutezwa imbere hifashishijwe ibikorwa remezo bigezweho ndetse ahabwe ibikoresho bihagije.

Ibyo bikaba bigamije guteza imbere imyigishirize y'imibare, siyansi, ubumenyingiro n'ikoranabuhanga (STEM) , guteza imbere ubushakashatsi no guhanga udushya bijyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo

Imibare itangazwa n'Ikigo gishinzwe amashuri Makuru y'Imyuga n'Ubumenyingiro, (Rwanda Polytechnic/ RP) igaragaza ko abanyeshuri barangije ayo masomo mu 2024, 70% bafite imirimo, barimo 59% bahise babona akazi, 11% bakomeje amasomo, n'abandi 18% bihangiye imirimo.

Ni mu gihe kuva ku nshuro ya mbere bashyira ku isoko abasoje amashuri mu 2018, umubare wabo umaze kwiyongeraho 58%, kandi umubare w'abakobwa basoje ayo masomo wiyongereye ukava kuri 23% wariho mu 2024 ugera kuri 29% mu 2025.

# Ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereyeho 8.9% mu 2024- IMF

NTAWITONDA Jean Claude


***Ubuyobozi bw'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) bwatangaje ko ubukungu bw'u Rwanda bwarushijeho kwiyongera ku kigero cya 8.9% mu mwaka ushize wa 2024, mu giye yateganya ko bwari kuzamuka ku kigero cya 7%.***

Ni imibare yasohotse ku wa Gatatu tariki ya 4 Kamena 2025, muri raporo ya gatanu ya Politiki yo Guhuza Ibikorwa (PCI) yakozwe ku Rwanda.

IMF yagaragaje ko ihindagurika ry'ibiciro ryagumye ku kigero kiri hagati ya 2-8% gifatwa nk'ikiringaniye kuko ritararenga impuzandengo yashyizweho na BNR, bikaba bishimangirwa na politiki y'ifaranga ihamye n'ibiribwa byarushijeho kwiyongera ku masoko.

Icyuho kiri hagati y'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga n'ibyo rutumizayo cyakomeje kwiyongera mu mwaka wa 2024 kubera ibicuruzwa byinshi byatumijwe mu mahabda ariko ngo ububiko bw'ibyatumijwe bwakomeje kuba ubuhgije kuko bushobora gufasha mu gihe cy'amezi 4,7.

Gusa ngo kugeza uyu munsi urwego rw'imari rw'u Rwanda ruzakomeza gungabana kubera ishoramari mu bikorwa remezo nk'Ikibuga gishya cy'Indenge Mpuzamahanga cya Kigali giherereye mu Bugesera no kwagura ibikorwa bya RwandAir.



Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzamuka

Ibyo kandi bizingerewa ubukana n'amavugurura yakzwe n'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB).

IMF iteganya ko imyenda ya Leta ishobora kwiyongera mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026 aho ikigero ntarengwa gishyirwaho na PCI bikekwa ko kizagerwaho mu 2033.

IMF yavuze ko kongera amadovize yinjijwa imbere mu gihugu no gukomeza urugendo rwo guhuza urwego rw'imari rwizewe, ari ingenzi mu kuvugurura Pilitiki no guharanira uburame bw'urwego rw'Imari.

Icyo kigega kirasaba ko hakomeza gushyirwaho ingamba zo gukumira ingorane zaboneka mu bigo bicungwa na Leta, no kwiyongera kw'inyungu ko kutabasha kubona inguzanyo z'inyungu yo hasi.

Bo Li, Umuyoboz Mukuru wungirije akaba n'Umuyobozi Mukuru w'Inama y'Ubutegetsi ya IMF, yashimye uburyo ubukungu bw'u Rwanda rwiyubatse.

Yagize ati: "Ubukungu bw'u Rwanda bwagaragaje ukwihangana gutangaje, bugaragaza izamuka rikomeye rishyigikiwe n'ibikorwa by'inzego mu rwego rwa serivisi, ubwubatsi n'urw'ubuhinzi. Izamuka ry'ibiciro ryagumye mu mpuzandengo yemewe na BNR, kubera politiki y'ifaranga yitondewe ndetse n'ibicuruzwa by'ibiribwa byarushijeho kwiyongera mu gihugu."

IMF kandi yahaye ikaze amavugurura aheruka gukorwa mu misoro, ivuga ko ari intambwe iganisha ku kwagura ingano y'umusoro no kongera ubunyamwuga mu misoreshereze.

# Inzira z'ibilometero 58,5 zigiye kubakwa mu bishanga 5 by'i Kigali

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kurengera Ibidukikije (REMA) cyatangaje ko ibishanga 5 birimo gutanywa mu Mujyi wa Kigali, bizashyirwamo inzira za kilometero 58,5 zagenewe abanyamaguru n'abagendera ku magare, hagamijwe guteza imbere imyidagaduro n'imikino mu Murwa Mukuru Kigali.***



Ibishanga birimo gutunganywa mu Mujyi wa Kigali bizanashyirwamo inzira z'abanyamaguru n'abagenda ku magare

Umukozi wa REMA ushinzwe Porogaramu yo gucengeza ibikorwa by'ibidukikije muri gahunda za Leta no kurengera urusobe bw'ibinyabuzima, Uwera Martine yagaragaje ko inzira zose z'abanyamaguru n'abanyamagare zizaba zirambuye kandi hagashyirwa intebe kuri buri metero 500 kugira ngo zorohereze buri wese.

Ibikorwa byo gutunganya ibishanga bine ari byo Kibumba cya hegitari 68, Nyabugogo cya hegitari 131, Rugenge-Rwintare cya hegitari 65, na Gikondo gifite hegitari 162 bigeze kuri 56%.

Igishanga cya Rwampara cya hegitari 65 cyo kigeze kuri 20% kubera ko imirimo yatangiye bitinze, nk'uko Uwera yakomeje asobanura.

Igishanga cya Rwampara giherereye mu majyaruguru y'ibindi bishanga bine biri muri uyu mushinga kandi gihura n'igishanga cya Gikondo. Igishanga cya Gikondo giherereye hagati ya Remera, Kimihurura na Kicukiro.

Uwera yavuze ko igishanga cya Gikondo gihura n'icya Rugenge-Rwintare, kiri hagati y'Umurenge wa Kacyiru n'uwa Muhima ahazwi nka Poids Lourds.

Icya Rugenge-Rwintare gihura n'igishanga cya Nyabugogo n'icya Kibumba hafi y'ahahoze uruganda rwa UTEXRWA n'icyicaro cy'Umuryango Utabara Imbabare (Red Cross), hagati ya Kinyinya, Gisozi na Kacyiru.

Igishanga cya Nyabugogo gitangirira ahazwi ku Kinamba, giherereye hagati ya Gatsata, Muhima na Gisozi.

Uwera ati: "Ibishanga bitanu byose bifite ubuso bungana na hegitari 500, bikora ku Mirenge 10. Nyuma yo gutunganywa, bizahindura isura ya Kigali. Bizafasha kugabanya imyuzure, kunoza ubuziranenge bw'amazi, kugarura ubusitani kamere no kuba ahantu ho kwidagadurira. Ni yo mpamvu hazubakwa ibirometero 58.5 by'inzira z'abanyamaguru n'abanyamagare."

Gusana ibi bishanga byangiritse bizafasha abantu bagera ku 220,500 mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, cyane cyane abatuye ahantu hakunze kwibasirwa n'imyuzure cyangwa ibyago by'ibura ry'amazi, kubera ko kwangirika no kwanduza ibishanga byagize ingaruka mbi ku bwiza n'ubwinshi bw'amazi.

Uwera yongeyeho ati: "Turi no gusana inzira z'amazi zashoboraga gutuma ahantu hatandukanye harimo na Nyabugogo huzura."

Umushinga watangiye mu 2021 hakorwa inyigo, imirimo nyirizina yo kubaka yatangiye muri Werurwe 2024. Ati: "Duteganya kurangiza imirimo mu kwezi k'Ukuboza 2025."

Inyigo y'ibanze yagaragaje ko hakenewe miliyoni 82 z'amadolari ya Amerika kugira ngo umushinga wose ushyirwe mu bikorwa, ndetse Uwera yavuze ko miliyoni 36 z'amadolari zamaze kuboneka ku cyiciro cya mbere.

Ati: "Icyiciro cya kabiri kizashakirwa ishoramari ry'abikorera".

Ibikorwa biteganyijwe muri ako gace bizaba birimo, Ikigo cy'abashyitsi (visitors' centre) kizubakwa mu bikoresho bikomeye, kikazaba kiri ku muryango winjira mu gishanga gitanga amakuru ku bidukikije byacyo n'uko bigomba kurindwa.

Aho kurebera inyamaswa n'amazi (observation decks), aho kwifotoreza hafi y'amazi,

Inkingi z'urumuri (light poles) ku mpamvu z'umutekano, Imikino (football, volleyball, basketball), Gym yo hanze. Aho abana bakinira (active play areas).

Ibikorwa by'ubukungu, birimo gukodesha amagare, utubari duto, ahabera ibirori no kumurikira impano, gukodesha ibibuga by'imikino, aho gufatira amafunguro n'ibyo kurya byoroheje.

Aho kuruhukira harimo intebe, ubusitani bw'amashyamba haba hari n'amazi.

Ahantu hateganyirijwe ibirori by'umuco (amphitheatre).

Abazashora imari bazanateganya gukora ibiyaga bito mu bice bimwe by'ibi bishanga.

Igishanga cya Nyabugogo kizashyirwamo ibikoresho bigabanya imyuzure yangiza imihanda, gukora ikiyaga n'inkengero z'amazi mu rwego rwo kunoza isura ya Kigali.

Mu gishushanyo mbonera cy'ibishanga mu Mujyi wa Kigali, hegitari 3,888 zagenewe kubungabungwa, izindi hegitari 3,851 zagenewe gukoreshwa mu buryo burambye, naho hegitari 1,421 zagenewe ubukerarugendo n'imyidagaduro.





# U Rwanda rurategura Politiki ihangana n'abatekamutwe kuri murandasi

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yahishuye ko irimo gutegura Politiki yihariye igamije guhangana n'ubujura ndetse n'abatekamutwe bifashisha ikoranabuhanga muri iki gihe ubucuruzi bwo kuri murandasi bukomeje gutera imbere.***

Uko ikoranabuhanga rirushaho gutera imbere ni ko imbuga zo guhahiraho kuri murandasi zirushaho kwiyongera, ariko bikajyana n'ubwiyongere bukabije bw'ibyaha by'ubujura n'ubutekamutwe.

Abantu benshi ntibakigorwa no guhirahira bajya gushaka ibyo bakeneye ku masoko ahubwo babitumiza kuri murandasi, uhereye ku myambaro, ibyo kurya, ibikoresho by'ikoranabuhanga, ibyo mu nzu n'ibindi bitandukanye.

Mu gihe ubuzima bwa benshi burushaho koroshywa n'ikoranabuhanga, ni ko ubujura bwifashisha ikoranabuhanga burushaho kwiyongera, bityo ibyago byo kwibirwa kuri murandasi na byo bikaba birushaho kwiyongera.

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda Sebahizi Prudence, yavuze ko icyo kibazo cyongerwa no kuba nta ngamba zihari zo kugikumira.

Ati: "Icyo tubona nk'ikibazo giterwa n'uko nta gisubizo cyacyo gihari. Urugero, igihugu kiramutse kidafite imipaka izwi, byagorana guhangana n'abimukira binjira mu buryo bunyuranyije n'amategeko."

Aho ni ho yahereye ahamiriza itangazamakuru ko Guverinoma y'u Rwanda irimo gutegura Politiki n'ingamba z'ubucuruzi bukorerwa kuri murandasi.

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) ivuga ko mu mwaka wa 2030 ubucuruzi bukorerwa ku ikoranabuhanga buzaba bwinjiza nibura tiriyari 1.15 z'amadolari y'Amerika.

Minisitiri Sebahizi yahamamije ko mu gihe ubujura bukorerwa ku ikoranabuhanga bukomeza kwiyongea ku Isi, u Rwanda ruri mu myiteguro yo kureka gukurikirana ibibazo byabonetse gusa ahubwo hakubakwa ubukungu bwo ku ikoranabuhanga butekanye.

Ati: "Intego ni uguhanga ubukungu bwo ku ikoranabuhanga butekanye binyuze mu guhuza amategeko, ikoranabuhanga ritekanye, ibigo bikora neza n'ubukangurambaga. Turashishikariza abantu kwimakaza ubucuruzi nk'ubu ku mbuga zifite ibyangombwa by'ubuziranenge. Zimwe muri izo ngamba zirakoreshwa, icyo dusabwa ni uguharanira ko zikoreshwa mu buryo buhujwe neza."

Icyangonbwa cy'ubuziranenge gikoreshwa ku ikoranabuhanga cyitwa "Know Your Customer (KYC)" ni uburyo bwifashishwa n'ibigo by'imari ndetse n'iby'ubucuruzi mu kumenya imyirondoro y'abakiliya babo, cyane cyane iyo bigerageza kwinjiza abakiliya bashya.

Minisitiri Sebahizi yavuze ko kubaka icyizere cy'abaturage mu bucuruzi bukorerwa kuri murandasi bizafata igihe, nubwo u Rwanda rwiyemeje kubaka uruhererekane rw'ubucuruzi aho abaguzi n'abacuruzi bashobora gukorera batikandagira.

Uretse kuvugurura amategeko agenga ubucuruzi bwo ku ikoranabuhanga, ibyaha by'ikoranabuhanga ndetse no kubungabunga amakuru, Minisitiri Sebahizi yavuze ko Leta irimo kongera ingamba zisumbuye zirimo kwimakaza gukoresha indangamuntu z'ikoranabuhanga.

Hari kandi gushyiraho ikigo gishinzwe ibikorwa bibungabunga umutekano w'ikoranabuhanga no kwimakaza amabwiriza mpuzamahanga.

Guverinoma y'u Rwanda kandi irimo guhuza uburyo bwo kwishyura buteguye neza bw'umwihariko n'umwimerere w'Afurika.




U Rwanda rwiteguye guhangana n'abatekamutwe kuri murandasi



Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yerekanye ko u Rwanda rushyize imbere uburezi bushingiye ku ikoranabuhanga

# U Rwanda rwagaragaje uko rwimakaje uburezi bushingiye ku bumenyingiro

**KAYITARE Jean Paul**

***U Rwanda binyuze muri Minisiteri y'Uburezi rwagaragaje uko rwahisemo guteza imbere amasomo y'uburezi bushingiye ku bumenyingiro.***

Byagarutsweho mu nama *y'iminsi ibiri yatangiye ku itariki ya 04 Kamena mu Mujyi wa Kigali,* yahuje abagera kuri 350 baturutse mu bihugu 27 byo ku Mugabane wa Afurika bitabiriye Inama Mpuzamahanga ku Burezi bushingiye ku Bumenyingiro.

Ni inama yitezweho kugaragaza ibyakozwe, ibyagezweho, ingamba n'impinduka zikenewe mu burezi bwibanda kuri tekiniki, imyuga n'ubumenyingiro ku Isi na Afurika mu buryo bw'umwihariko.

Minisiteri y'Uburezi mu Rwanda ivuga ko iyi nama idasanzwe izasigira igihugu amasomo y'ibikwiye kunozwa mu burezi bushingiye ku bumenyingiro, Abanyarwanda na bo bakaba biteguye gusangiza abatuye Isi ibisubizo byavuye mu bushakakashatsi n'ibindi bikorerwa muri aya mashuri (TVET) ku bufatanye bwa Leta n'inzego z'abikorera.

Minisitiri w'Uburezi Joseph Nsengimana, yavuze ko yakomoje ku isano iri hagati y'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) n'ibikenewe bishya bigenda bivuka mu bukungu bw'u Rwanda.

Yagize ati: "Turi mu gihe cy'impinduka zihuta, ubwenge bw'ubukorano (AI), ikoranabuhanga, n'uburyo bwikora, kubihuza n'ibi bihe bishya ni ngombwa cyane, kandi nta gihugu kigomba gusigara inyuma.

Mu Rwanda, twashyize TVET ku isonga muri gahunda z'iterambere ryacu dukoresheje uburyo bwo kwigisha amasomo ahuriranye no kwimenyereza mu kazi.

Bituma turushaho gufatanya kugira ngo ibyo twigisha bihuzwe n'icyo isoko rikeneye kandi bigire ingaruka nziza. Turimo kandi gushora imari mu bigo by'indashyikirwa bya TVET.

Ibigo bigezweho bifite ikoranabuhanga rihambaye kandi byubatswe hagamijwe guhaza ibyo ubukungu bwacu bukenera mu buryo buhoraho."

Imibare ya Minisiteri y'Uburezi mu Rwanda yerekana ko kuri ubu, abiga tekiniki, imyuga n'ubumenyingiro bageze kuri 48%, ariko biteganyijwe ko bazaba bageze kuri 60% mu myaka 4 iri imbere.

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Amb Nkulikiyimfura Christine, yabwiye abitabiriye iyi nama ko imyuga n'ubumenyingiro biza mu by'imbere u Rwanda ruzakomeza gushingiraho impinduka mu iterambere.

Yavuze ko uruhare rw'urubyiruko n'abikorera ari ingenzi mu kunganira no gushyira mu bikorwa politiki n'ingamba Igihugu cyashyizeho.

# Igishanga cya Murago n'ikiyaga cya Cyohoha byigeze gukama ubu bitanga ubuzima

KAYITARE Jean Paul

***Kwangiza ibidukikije ni kimwe mu bituma hari ibinyabuzima bibura ubuzima kandi bikagira n'ingaruka ku mihindagurikire y'ibihe. Ibi ni ko byagenze umunsi umugezi wa Murago n'ikiyaga cya Cyohoha ya ruguru byakamaga.***



**Abaturage bavana amarebe mu kiyaga cya Cyohoha mu rwego rwo kurengera ibidukikije biba mu mazi**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibidukikije, REMA, gitangaza ko umugezi wa Murago ugaburirwa n'Umugezi w'Akanyaru n'ikiyaga cya Cyohoha ya ruguru na cyo kigaburirwa na Murago, byigeze gukama mu 2010 biturutse ku iyangizwa ry'ibidukikije.

REMA itangaje ibi mu gihe tariki 05 Kamena, u Rwanda rwiteguraga kwifatanya n'Isi kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Ibidukikije.

Uwera Martine, Umukozi ushinzwe gahunda yo gucengeza z'ibidukikije muri gahunda za Leta no kurengera urusobe rw'ibinyabuzima muri REMA, asobanura ko gukama kw'uyu mugezi n'ikiyaga byaturutse ku baturage bahingaga ku nkengero z'ikiyaga.

Ati: "Abantu bari barahinze mu nkengero z'ibiyaga noneho uko bahahinga imvura iguye ikamanukana ya suri yose, ikagenda ikirunda mu kiyaga ari na byo byateye ko ikiyaga kugeraho kigakama burundu."

Nubwo Murago na Cyohoha byakamye, Leta yafashwe ingamba zo kurengera ibidukikije harimo no kubibungabunga inzuzi n'ibishanga, bituma amazi yongera kugaruka.

Agira ati: "Aho Leta ifatiye ingamba zo kubungabunga inkengero z'ibiyaga, bateyeho ibiti n'ibyatsi bitandukanye bifata ubwo butaka, amazi aragaruka."

REMA itangaza ko gahunda ihari ari ugukomeza kubungabunga ibiyaga n'ahandi hatandukanye kugira ngo hatazabaho kubura ibihangano karemano by'ibiyaga.

Uwera agira ati: "Ni ahacu ho kubungabunga ibidukikije no guhangana n'isuri kugira ngo tubungabunge ubutaka bwacu."

Abaturiye Murago na Cyohoha biherereye mu Murenge wa Mareba mu Karere ka Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba, buhamya amazi yagarutse bakongera kubona ubuzima.

Bavuga ko amazi abafasha kuvomerera imyaka yabo, ikindi kandi ngo hagarutsemo urusobe rw'ibinyabuzima nk'amafi.

Mukagatare Christine wo mu Mu mudugudu wa Gasagara, Akagari ka Rugarama, Umurenge wa Mareba, akora ubuhinzi bw'imboga n'imbuto akoresheje amazi bashyiriwe hafi y'imirima kugira ngo babashe gukurikirana ubuhinzi bwabo.

Agira ati: "Tutaratangira kuhira ntabwo izi mbuto twazihingaga, zahingwaga n'abantu begereye hano ku mazi bagakoresha amarozwari (Arrosoirs), nabwo byakorwaga n'umwe n'umwe ntabwo imirima yose yahingwaga."

Igishanga cya Murago cyakorerwagamo n'amashyirahamwe y'abahinzi b'ibigori, ubwo amazi yari yarakamyemo.

Ati: "Uko amazi yagiye aza gake gake, harongeye haruzura, abaturage tuvamo tujya guhinga imusozi."

Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, Mukagatare ahamya ko begerejwe amazi bityo bakabasha guhinga imusozi batongeye kujya kuvogera igishanga mu rwego rwo kwirinda kwangiza ibidukikije.

Rubabanda Aloys na we utuye mu Murenge wa Mareba, ahamya ko ikiyaga kibafitiye akamaro kuko baroba amafi kandi bakayarya.

Agira ati: "Amazi ntabura akamaro. Icyo gihe umuntu yihingiraga gusa muri Koperative ariko aho amakoperative yongeye kugarukira n'ubundi turakomeza tugakora ariko twita ku kurengera ibidukikije kugira ngo amazi atazongera gukoma ."

Umukozi ushinzwe kurengera ibidukikije mu Karere ka Bugesera, avuga ko hari koperative yitwa Isano y'abarobyi igira uruhare mu gukura amarebe mu kiyaga cya Cyohoha.

Muri gahunda yo kurengera ibidukikije, avuga ko hakozwe ibikorwa byinshi bitandukanye birimo gutera imigano, guca imbibi z'igishanga n'ikiyaga, gutera ibiti bivangwa n'imyaka mu mirima, habaho no gushyiraho uburyo bwuhira, bukoresha imirasire y'izuba.

Ibi byose byari bigamije kwirinda ko hagira umuhinzi usubira mu gishanga kwangiza ibidukikije.

Ati: "Iyo dukoresheje uburyo bw'imirasire y'izuba nabwo ni ukugira urundi ruhare mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe aho kugira ngo dukoreshe moteri zikoresha mazutu kuko na zo zigira uruhare mu kwangiza ibidukikije biba mu mazi.



**Igishanga cya Murago cyarasubiranye nyuma yuko cyari cyarakamye**

Politiki ihari ni uko tuzamura amazi, tukuhira twifashishije imirasire y'izuba."

Avuga ko hashyizweho imirasire y'izuba itandukanye kandi igezweho, ifite ubushobozi bwo kuhira icyanya kingana na hegitari 34.

Ibi ngo byatumye abaturage ba Bugesera bagira umusaruro uri hejuru cyane by'umwihariko uw'urusenda.

Ati: "Niba umuturage yaje agahinga amazi arakama, niba waje ukamwereka imbago, ugatera imigano ku buryo kino gice atongera kugihingamo, habaho icyo bita kwisubiranya, uko kwisubiranya, ya masoko yari yaragiye arongera akavubura."

Kuvubura kw'amazi no guhuza kwa Akanyaru byatumye amazi yongera kuboneka.

Kwirinda isuri yaturuka mu midugudu itatu ituye hafi y'igishanga, na byo byatumye abo baturage babahbwa ibigega 169.

Ati: "Ubaze ingano y'amazi yavuye ku nzu bakanayakoresha bigira uruhare mu gutuma n'isuri nayo igabanuka muri kano gace."





# Imbuto nshya ya Cyerekezo yagaragaje ko izatanga umusaruro mwiza

NYIRANEZA Judith

***Abahinzi bibumbiye muri koperative Dukomeze ubuzima ihinga ibirayi irishimira ko imbuto nshyashya ya Cyerekezo bayitezeho umusaruro mwinshi, kuko bateye ibilo 200 bikavamo ibirayi birenga toni n'igice, iyo mbuto ikaba igiye gutegurwa ngo imere nyuma ikazabona gukwirakwizwa mu baturage.***



**Imbuto nshya y'ibirayi yitwa Cyizere, abahinzi bemeza ko byagaragaye ko izabaha umusaruro mwiza**

Abo bahinzi b'ibirayi bo mu Murenge wa Shingiro mu Karere ka Musanze, bavuga ko babifashijwemo n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), ASARECA na SPF Ikigega.

Ngiruwonsanga Jean de Dieu wo mu Mudugudu wa Nyamiyaga Akagali ka Mudende, Umurenge wa Shingiro, Akarere ka Musanze, umaze imyaka 4 muri koperative avuga ko imbuto Cyerekezo ayizeyeho umusaruro.

Ati: "Iyi mbuto nshya y'ibirayi yitwa Cyerekezo yahinzwe hano ngo irusheho guturburwa, ubu umuntu arebye uko ibivuyeho bingana iratanga icyizere ko izatanga umusaruro mwiza."

Yakomeje agaragaza ibyiza byo kuba muri koperative.

Ati: "Nasanze ari koperative ishyira hamwe ikora neza kandi yunguka. Koperative yamfashije gutera imbere nk'umunyamuryango kuko buri gihembwe umunyamuryango ahabwa imbuto ibilo 10, turorora hari abafashe ingurube tugenda tuziturirana."

Ntabanganyimana Dorothee wo mu Mudugudu wa Nyejoro, Akagari ka Kampanga, mu Murenge wa Kinigi mu Karere ka Musanze, yavuze ko cyerekezo ari imbuto barimo kongera, ndetse izatanga umusaruro mwiza ahereye ku byo abonye bivuyeho.

agize ati: "Turimo gutegura imbuto y'ibirayi. Imbuto nshashya yitwa Cyerekezo, ni imbuto twahinze ku buso buto turayimeza tuzongere tuyitere, kandi nkurikije ko twateye ibilo 200 none hakaba havuyemo ibisaga toni, birerekana ko ari imbuto nziza., izatanga umusaruro bigatuma twihaza mu biribwa, aiko tukanabona amafaranga.

Joshua Sikhu Okonya ukora mu Ihuriro ry'ibigo bikora ubushakashatsi mu buhinzi byo muri Afurika y'Uburasirazuba no Hagati (ASARECA), wari kumwe n'abahinzi ubwo bateraga imbuto ya Cyizere hagamijwe kureba niba yatanga umusaruro, ngo igezwe ku baturage yavuze ko bagarutse kureba iby'iyo mbuto.

Ati: "Dutera uyu murima mu kwa kabiri, twari kumwe none twari tuje kureba aho bigeze kandi turifiza kureba ikivamo.



**Hitezwe umusaruro mwiza, abahinzi bishimiye imbuto nshya y'ibirayi begerejwe**

Ku bufatanye na RAB, avuga ko baagejeje imbuto ku bahinzi kugirango ibe nyinshi.

Ati: "Uruhare ASARECA yagize muri icyo gikorwa ni uko ku bufatanye na RAB twegereje abahinzi ubwoko bushya, Cyerekezo kugira ngo babashe kubona imbuto ihagije kandi by'umwihariko ifasha abanyamuryango ba Koperative Dukomeze ubuzima."

Yakomeje asobanura ko bahaye abahinzi imbuto y'ibirayi yo guhinga, barabererekera, ngo yongerwe hanyuma izagezwe ku baturage.

Yagize ati: "Twabahaye imbuto y'birayi yo guhinga, taraberekera, tubaha ndamira na Cyerekezo ngo yongerwe hanyuma izagezwe ku baturage."

Yakomeje asobanura ko yahaye abahinzi 300 amahugurwa kugira ngo bagire ubumenyi bubafasha gukora ubuhinzi bakoresha tekiniki zigezweho, bikanazamura umusaruro.

Dr Nduwayezu Anastase umushakashatsi muri RAB, ushinzwe ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi ku kirayi yavuze ko ku bufatanye na ASARECA, RAB na koperative Dukomeze ubuzima byagaragaye ko imbuto y'ibirayi Cyizere itanga umusaruro mwiza.

Ati: "Imbuto nshya ya Cyizere, dukurikije uko tuyizi, uko twayibonye, umusaruro wagerageje kuba mwinshi hano, nagereranyije kuko bagiye basarura ibirayi 10, 13, 15 ku mugozi, iratanga umusaruro mwiza, ntibyarwaye birasa neza."

Yongeyeho ati: "Umwihariko wa Cyizere ni uko ari ubwoko bukunzwe. 2019/2020 twasohoye amoko y'ibirayi 11 y'ibirayi. ariko Cyerekezo yera neza kandi ikunzwe hose mu Gihugu naho Kazeneza nayo ni nziza ariko ntikunzwe nka Cyerekezo. Aya moko y'ibirayi yihanganira imihindagurikire y'ikirere."

Ku bijyanye no kuba abahinzi bavuga ko imbuto itarabageraho neza, Dr Nduwayezu yavuze ko icyo babanje ari uko abahinzi babanza kuzishima hanyuma, RAB icyo ikora ni ukuzegereza abatubuzi b'imbuto kugira ngo zizagere ku bahinzi ku buryo buhagije.

# Abantu bafite ubumuga mu Rwanda barasaga ibihumbi 560

ZIGAMA Theoneste

***Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Abantu Bafite Ubumuga (NCPD) bwatangaje ko mu mibare y'ibanze y'ubushakashatsi ku bantu bafite ubumuga yagaragaje ko mu Rwanda habarurwa abangana na 562 184.***

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (NCPD) Ndayisaba Emmanuel, yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 6 Kamena 2025, mu Nama Rusange isanzwe ya NCPD ku rwego rw'Igihugu.

Yashimangiye ko ubu inzego zibishinzwe zirimo kunonosora ayo makuru ku buryo mu minsi ya vuba azatangazwa ku buryo bwo burundu.

Yagize ati: "Twakusanyije amakuru, ubu turimo kuyasuzuma uko ateye, niba hari ibyo twakosoramo. Turimo kubikora dufatanyije n'Uturere aho tubonye bidasobanutse tukababwira bakabikosora.

Imibare y'ibanze itwereka ko abantu twabaruye basaga ibihumbi 562 muri rusange. Ubu turimo kunonosora, mu minsi mikeya ukwezi kwa 6 kujya gushira tuzaba twatangaje iyo mibare ku mugaragaro."

Muro abo 562 184 bafite ubumuga, abantu 250 563 bangana na 44,5% ni ab'igitsina gabo, ab'igitsina gore ni 310 838 bangana na 55,2%, mu gihe abaganga na 783 bangana na 0,3% nta makuru ahagije ku mibereho yabo yamenyekanye.

Ndayisaba yabwiye itangazamakuru ko nyuma yo kumenya uko imibereho y'abafite ubumuga ihagaze, bizakuraho imbogambizi zagoraga ushaka kubafasha mu iterambere.

Yagize ati: "Byagoranaga kumenya ngo ndashaka gufasha ariko ndajya mu kihe cyiciro, ubundi akenshi abantu bafite ubumuga ugiye kubafasha wakarebye ahari ibibazo. Kuba rero abantu batabibonaga mu buryo bumwe byagoranaga."

Yashimangiye ko mu gihe iyi mibare ya yanyo izaba yamaze gushyirwa ahagaragara izashyirwa muri sisitemu y'ikoranabuhanga ku buryo ushaka kubagenera inkunga bizajya bimworohera.

Muri iyi mibare byagaragajwe ko mu Rwanda abantu bafite ubumuga 145 362 bangana na 25,8% bafite akazi, naho 317.360 bangana na 56,4% nta kazi bafite. Ni mu gihe 99.462 bangana na 17,7% nta makuru yabo ahagije yamenyekanye.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD Ndayisaba Emmanuel



Mu Rugo rw'Impinganzima rw'Akarere ka Rusizi habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

## Rusizi: Mu rugo rw'Impinganzima hibutswe abarenga 300 bo mu miryango yazize Jenoside

KAYITARE Jean Paul

***Umuryango Unity Club Intwararumuri watangaje ko mu Rugo rw'Impinganzima rw'Akarere ka Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Igikorwa cyabereye mu rugo rw'Impinganzima rwa Rusizi kuri uyu wa Gatanu tariki 06 Kamena 2025, kijyanye no kwibuka Abatutsi 308 bagize imiryango yazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Uru rugo rw'Impinganzima rwa Rusizi, rutuwemo n'ababyeyi 43 barimo abakecuru 37 n'abasaza 6.

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel, yashimiye Leta y'u Rwanda yongeye kugarura ubuzima n'icyizere cyo kubaho kw'Abanyarwanda, aho avuga ko ubuzima ari impano ikomeye kandi y'agaciro.

Yagize ati: "Kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ni uburyo bwiza bwo kongera kubwira urubyiruko n'abato ko ibyabaye bitagomba kuzongera kubaho ukundi.

Ni n'uburyo bwo kwereka abakuru twaje kwifatanya na bo mu rugo rw'Impinganzima ko amahitamo twakoze nk'Abanyarwanda yo guharanira igihugu kirangwa n'Ubumwe, Amahoro, Ubudaheranwa n'Iterambere ari yo adufasha gukomeza kubaka u Rwanda rutazongera kubabara ukundi."

Mu izina ry'Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri, Madamu Jeannette Kagame, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, Uwacu Julienne, yihanganishije ababyeyi mu mugoroba wo kwibuka.

Yagize ati: "Babyeyi bacu, Ubudaheranwa mutwereka, ni isoko y'icyizere n'imbaraga bidufasha gukomeza kubaba hafi, Intwararumuri twaje kubabwira ko mutari mwenyine, turi kumwe nk'abana banyu."

Yanashimiye kandi byimazeyo abafatanyabikorwa bose bagira uruhare mu kwita ku buzima bw'Intwaza.

Igikorwa cyo kwibukira mu Rugo rw'Impinganzima cyitabiriwe n'abayobozi mu nzego zitandukanye. Cyabimburiwe n'umugoroba wo kwibuka no kuzirikana abo mu miryango y'Intwaza zitujwe muri uru rugo bishwe muri Jenoside yakotrewe Abatutsi ndetse hanacanwa urumuri rw'icyizere.





# Kigali: Ubuhamya bw'umukobwa ukora amakaro 120 muri pulasitiki ku munsi

KAYITARE Jean Paul

***iborurema Beatha akusanya ibilo hagati ya 250 na 300 bya pulasitiki akabikuramo amakaro 120 ku munsi. Uyu mukobwa w'imyaka 30 nkuko abyivugira, yahisemo kurengera ibidukikije ahereye ku macupa ya pulasitiki akura mu magaraje.***

Mu buhamya bwe, avuga ko yatangiye akora amakaro 20 ku munsi, uyu munsi yinjiza 500 000 by'amafaranga y'u Rwanda ku kwezi, yakuyemo ayo ahemba abakozi bakora nyakabyizi 12 n'abandi 5 bahoraho.

Siborurema akorera mu Mudugudu wa Ururembo, mu Kagari ka Kibenga mu Murenge wa Ndera mu Karere ka Gasabo.

Yakoze umushinga wo kunagura (Recycling) pulasitiki akayibyazamo umusaruro w'ibikoresho bakoresha mu ngo harimo n'iby'ubwubatsi.

Agira ati: "Ntangira gukora, nakoraga amakaro afite ubunini bungana na 20/20, ubu ngeze aho nshobora gukora aya 80/50. Icyiyongeraho ni uko natangiye nkora amakaro 20 ku munsi, ubu nkaba ngeze ku makaro 120 ku munsi."

Mu bindi akora muri kompanyi yatangije yitwa 'Sibo Engineering Company' akaba anayibereye Umuyobozi, ni intebe, utubati, ameza n'ibindi bikoresho bashobora guhanga.

Kugira ngo atangize uyu mushinga, avuga ko byaturutse ku gitekerezo yagiriye muri Kaminuza ubwo bari mu mushinga w'ishuri, yibaza impamvu we atabisohora hanze ngo abibyaze umusaruro.

Igitekerezo yakigejeje kuri bagenzi be, asanga nta bushobozi bafite ariko hagati aho we yari afite akazi mu ruganda rw'amashashi ariko aniga.

Ati: "Nafashe ya mafaranga nakoreraga ndayazana nyatangiza nyine utuntu dukeya, tugenda abantu badushima, badukunda gake gake bimpa imbaraga nyine ndakomeza.



Amakaro akorwa muri izi pulasitiki zikurwa mu magaraje

Dushobora kwinjiza nka 500 000 Frw ku kwezi ariko ubwo ni ukugereranya kuko amezi yose ntabwo aba asa."

Pulasitiki banagura bazikura mu baturage n'ibyo bazikuyemo bakabibagurisha kuko ni bo soko ryabo.

Agira ati: "Kubera ziriya pulasitiki bagenda bajugunya hirya no hino, twebwe twiyemeje kuzibyaza umusaruro."

Nta ngano ihamye y'ibiro bakoresha ku munsi ahubwo ngo bituruka ku kazi bafite muri uko kwezi.

Ati: "Akazi ni ko kaduhereza ingano y'ibyo turi bukore. Dushobora kwisanga no mu cyumweru twakoze nk'ibilo 100 cyangwa 500 biterwa n'akazi dufite muri icyo cyumweru."

Siborurema avuga ko yatangiranye ibiro bigera ku 100 bya pulasitiki kuko bakoraga utuntu duto cyane, twabaga twinshi ariko nta bilo dufite kuko batubaraga mu magarama icyo gihe.

Gutangiza uyu mushinga wo kubyaza ibindi bikoresho muri pulasitiki, avuga ko byaturutse ku masomo yize noneho akenera no kubihuza n'ibiri hanze.

Ati: "Twebwe nta n'ubwo twari tuzi ko bizanakunda, nta n'ubushakashatsi nari narakoze ngo ndebe ko hari n'ahandi biri, oya.

Ahubwo naravuze nti kubera iki tutafata za pulasitiki kuko mu bimoteri aho twabijugunyaga wasangaga byarateje umwanda, turavuga tuti ko biteza umwanda ubu nta kintu twabibyaza? [...] ko twiga amasomo ajyanye n'ubushyuhe n'imicungire y'ibidukikije ubu nta kintu twakora? Tubitangira dutyo gake gake, turabishyushya, tukabikanda ejo bigapfa ubundi tugasubiramo, iyo mba ncika intege mba narabivuyemo."

Akomeza avuga ko yiharikaga (guhinga mu murima Ababyeyi bamutije) ariko akagira ikimoteri mu murima we bajugunyamo pulasitiki, abandi bakeza we bikanga.

Ati: "Ni cyo cyanteye imbaraga zo gushaka kumenya, kubera iki pulasitiki ari mbi yangiza ibidukikije? Ntangira ubwo."

Intebe imwe ikozwe muri pulasitiki yanaguye ayigurisha amafaranga y'u Rwanda 15 000.

Nubwo akorera ahantu hakigoranye, ariko agerageza kubwira abakozi kwitonda cyane ko afite n'umukozi ushinzwe iby'amashanyarazi wanabyigiye mu rwego rwo kwirinda impanuka zaterwa n'ibyo bakora.

Mu buhamya bwe, avuga ko kubona imashini bitamugoye cyane kubera ko gukora imashini yabyize muri IPRC Kigali.

Ati: "Mu zo dukoresha hari izo twakoreye muri IPRC Kigali, izindi twaziguze nyuma ubushobozi butangiye kuzamo gake."

Imbogamizi ahura nazo ni iz'uko ibintu byinshi bakibikora bakoresheje intoki, kugira ngo azashobore gukora ibyo bikoresho n'intoki biragoye ku buryo n'ibyo bakora biba bikeya.

Icyakoze asaba Leta ko yabafasha kubona imashini zihagije.

Ati: "Ikintu twifuza; turasaba yaba Leta, ko idufasha ni uko twabona imashini zihagije zishobora gukora ibintu binini kandi biramba."

Abakiriya bamusaba gukora ibintu binini kandi byinshi ariko kubera ubushobozi buke ntashobora kubikora.

Aho gukorera naho Siborurema avuga ko hakiri imbogamizi kuri we kuko n'iyo atekereje ikintu cyagutse areba aho kugikorera agasanga bimusubije inyuma.

Siborurema Beatha, ni we Muyobozi mukuru wa Sibo Engineering Company, yize muri IPRC Kigali mu ishami ry'ubukanishi.

Amashuri yisumbuye yayigiye muri ETO Nyamata mu Karere ka Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba, aho yize ubukanishi rusange.

Avuga ko yavukiye mu Ntara y'Amajyepfo mu Karere ka Gisagara mu Murenge wa Gikonko, akaba avuka mu muryango w'abana 6.



Siborurema Beatha unagura ibikoresho bya pulasitiki akabikoramo amakaro

# Gicumbi: Amaterasi y'Indinganire yahinduye Ubuzima bwa Mukandayisenga

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mukandayisenga Florence, umubyeyi w'imyaka 47 utuye mu Kagari ka Nyaruka mu Murenge wa Cyumba, Akarere ka Gicumbi, ni umwe mu baturage bahinduriwe ubuzima n'ubuhinzi bukozwe ku materasi y'indinganire.***

Ubu afite amahirwe yo kubaho neza, atanga akazi, kandi yubatse inzu igeze ku gaciro ka miliyoni 1 n'ibihumbi 800ariko ateganya ko izarangira igeze muri 4, abikesha ayo materasi yakozwe n'umushinga Green Gicumbi.

Mukandayisenga, ufite abana batandatu, avuga ko mbere y'uko amenya iyi gahunda yari afite imirima myinshi ariko yatangaga umusaruro utamuhaga ubushobozi bwo gutunga umuryango ngo ku buryo yahoraga ashaka indi mirimo y'igihe gito kugira ngo abone amafaranga.

Yagize "Nari mfite imirima myinshi ariko nagendaga mbona umusaruro muke. Nateraga ibilo 20 by'ibirayi, nkakuramo 35, ariko ntibyahazaga umuryango wanjye. ubwo natangiye guhinga ku materasi y'indinganire, umusaruro wanjye wikubye inshuro 10. Ubu nsigaye nsarura ibiro 500 by'ingano aho mbere nakuragamo 70."

### Impinduka zigaragara ku buzima bwa Mukandayisenga

Mukandayisenga avuga ko amaze imyaka ine akorera ku materasi y'indinganire, kandi yishimira ko yubatse inzu ifite agaciro ka miliyoni imwe n'ibihumbi 800 Frw, afite abakozi batatu bahembwa buri kwezi, ndetse agahinga neza akabona ifumbire ituma ubutaka butangirika.

Yagize ati: "Umusaruro wanjye uriyongera, nkabona ubwatsi buhagije ku nka yanjye, ifumbire, kandi mbasha kubika amafaranga buri gihembwe. Abana banjye bose bariga, kandi natanze akazi ku baturage batatu. Ubu ntegereje ko inzu yanjye izarangira, ifite agaciro ka miliyoni 4 Frw."

Umuyobozi wa Green GicumbiJean Marie Vianney Kagenza, uyobora umushinga Green Gicumbi, asobanura ko gahunda yo kubaka amaterasi y'indinganire ari imwe mu nkingi z'iterambere ry'ubuhinzi mu karere.

Yagize ati: "Iyi gahunda ntigamije gusa kongera umusaruro, ahubwo ni uburyo bwo kurengera ubutaka no gukumira isuri. Amaterasi afasha mu kubungabunga ubutaka kandi akongera ubushobozi bw'umusaruro. Twabonye impinduka zifatika ku baturage benshi, harimo na Mukandayisenga, babona inyungu mu buhinzi, bakabona n'akazi ku baturanyi babo."

Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi Nzabonimpa Emmanuel ashimangira ko ubuhinzi bukozwe ku matarasi y'indinganire bwatanze ibisubizo by'ingenzi mu kurwanya ubukene no guteza imbere abaturage.

Yagize ati: "Ubuhinzi bushingiye ku materasi y'indinganire bwahinduye isura y'ubuzima bw'abaturage bacu. Ni gahunda y'ingenzi mu kurwanya isuri no kongera umusaruro. Abaturage barushijeho kugira imibereho myiza, abana bariga neza, kandi ubukene buragabanyuka. Dushyigikiye cyane iyi gahunda kandi turifuza ko ikomeza gukura no kugera no ku bindi bice by'akarere."

Mu mushinga wa Green Gicumbi, amaterasi y'indinganire yakozwe ku buso bungana na hegitari 1,450, harimo hegitari 600 z'amaterasi y'ishingiro (radical terraces) na hegitari 850 z'amaterasi y'ikora (progressive terraces) na hegitari 3000 zakozweho imiringoti, haterwa ibiti bivangwa n'imyaka ku misozi ihanamye irenze 55%.

Gahunda ya Green Gicumbi igamije gukangurira abaturage kubaka amaterasi y'indinganire, kurwanya isuri, no kongera umusaruro w'ubuhinzi. Uruhare rw'abayobozi b'Inzego z'ibanze, abaturage n'abaterankunga ruri mu guhindura imibereho y'abaturage.

Mukandayisenga ni urugero rwiza rw'ukuntu gahunda zishobora guhindura ubuzima bw'umuturage, zimugira uwunguka, umushoramari, kandi zigafasha mu kubungabunga ibidukikije.



**Mukandayisenga yiteze gusarura ibilo 500 by'ingano mu matarasi y'indinganire**



**Abahinzi b'imbuto mu cyanya cy'imbuto mu Karere ka kayonza barifuza ko hashyirwamo imihanda bikaborohereza kugeza umusaruro ku isoko**

# Kayonza: Abahinga imbuto bifuza gukorerwa umuhanda ubafasha gutwara umusaruro

**HITIMANA Servand**

***Abahinzi b'imbuto bakorera mu Mirenge ya Kabarondo na Murama mu Karere ka Kayonza na Remera yo muri Ngoma bifuza ko umuhanda uca muri iki cyanya cya hegitari zisaga 1300, watunganywa bikoroherez abaza kubagurira umusaruro.***

Aba bahinzi bavuga ko nyuma yo gutunganyirizwa ubutaka bahingaho imbuto ndetse ubu zikaba zaratangiye kwera, bifuza ko bakorerwa umuhanda kugera Aho bakorera ubuhinzi bwabo bityo bakoroherwa no kugerwaho n'abaguzi.

Ibi ngo babishingira ku kuba nta muhanda ukoze bafite, kugeza umusaruro wabo ku modoka iwutwara bibasaba kwikorera ku mutwe bikabavuna.

Nduwayezu Faustin agira ati: "Nta muhanda dufite wacamo imodoka iza kudutwarira umusaruro. Ubu twatangiye gusarura ariko kugira ngo tugeze imbuto zacu aho zipakirirwa biratuvuna bikanaduhombya. Reba nawe gutunda avoka ku mutwe ukazamuka uyu musozi ukagera aho imodoka ibasha kugera.Turavunika kandi tugatakaza umwanya twagombye gukoresha ibindi."

Akomeza agira ati: "Turasaba ubuyobozi kudutunganyiriza umuhanda imodoka z'abaguzi zikajya zidusanga ku mirima yacu. Ibyakozwe tugatunganyirizwa ubutaka ni byiza turabishima ariko n'izo mbogamizi dufashijwe zikavaho byadufasha kubyaza umusaruro ayo mahirwe twahawe."

Umurisa Claudette na we agira ati: "Igihe tutarabona umuhanda ni ikibazo, ubu twasaruye avoka mu gihe n'izindi mbuto ziri hafi kwera. Bivuze ko byazatuma umusaruro uturusha imbaraga mu kuwutunda tuwugeza ku modoka bityo zimwe zikaba zajya zipfa ubusa zikatuborana. Leta irebe uko yadukorera umuhanda kugira ngo ubuhinzi bwacu budakomwa mu nkokora."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza buvuga ko hari gushakwa ibisubizo kuri iki kibazo kuko iki cyanya cyatunganyirijwe ubuhinzi bw'imbuto cyakongerwamo ibikorwa remezo birimo n'imihanda.

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, Nyemazi John Bosco yagize ati: "Ni byo turabizi ko kiriya cyanya gikenewemo imihanda.Turi gukorana n'abafatanyabikorwa n'zindi inzego kugira ngo dukomeze kuhongera ibikorwa remezo birimo n'imihanda. Mu gihe cya vuba tugiye gukora umuhanda ugera mu cyanya ku buryo abahinzi bazajya basarura bakagurirwa umusaruro basanzwe hafi y'amasambu yabo."

Icyanya gihingwamo imbuto gihuruweho n'Akarere ka Kayonza na Ngoma biteganyijwe ko kizakorwamo imihanda ireshya n'ibilometero 63. Ni imihanda izafasha kugera ku mirima y'abahinzi bagikoreramo bagera ku 4 047.





# Nyagatare: Icyizere kuri 634 batujwe heza bakuwe mu manegeka

**HITIMANA Servand**

***Abantu 634 bari mu miryango 100 bakuwe mu manegeka ahitwa Cyamunyana ku nkengero z'umugezi w'Akagera bavuga ko bafite icyizere cy'imibereho myiza nyuma yo gutuzwa ahadashyira ubuzima bwabo mu kaga mu Mudugudu wa Gatebe mu kagari ka Kirebe Umurenge wa Rwimiyaga ho mu Karere ka Nyagatare.***



**Abakuwe mu manegeka bagatuzwa mu Mudugudu wa Cyamunyana bafite icyizere cy'imibereho myiza**

Mu buhamya bwabo, aba baturage bavuga ko ahantu bari batuye hari habangamiye imibereho yabo aho bari bitaruye ibice bishobora kugezwaho ibikorwa remezo.

Bavuga kandi ko bari munsi y'imisozozi yashoboraga kubagwira, yemwe ngo no kuzageza amakuru ku buyobozi bikaba byari ikibazo.

Mutungirehe Mariya yagize ati: "Twabaga i Cyamunyana munsi y'imisozi imvura igwa imivu ikenda kudutembana. Ni ahantu utashoboraga kugira uwo utabaza kuko nta rezo (network) ya telefone yabagayo. Twafataga iyo hakurya muri Tanzania itabasha guhamagara."

Akomeza agira ati: "Ku bijyanye n'ubuzima nta vuriro ryahabaga, aho byatumaga ababyeyi babyarira mu ngo abarembye bagahekwa mu ngombyi bakaburirana umusozi bakabirinduka ahitwa Gakagati ari ho washoboraga kumutegera moto imujyana i Bugaragara. Ubuyobozi bwasanze tutakomeza kubaho gutyo badukurayo badutuza aha baduha amasambu ubu turishimye."

Antony Gasirikare na we agira ati: "Aho tugereye aha ibintu byarahindutse. Dufite amashuri hafi mu gihe aho twari kugera ku ishuri byasabaga amasaha 3. Abana bato ntibigaga, kugera ku muhanda byadutwaraga 8000 by'amafaranga y'u Rwanda.

Ubu hano usohoka ubona moto aho utanga 2000 ukagera kuri kaburimbo. Turi kugezwaho amazi twanubakiwe isoko muri uyu Mudugudu twatujwemo. Ubu nta kindi dufite cyaruta amashimwe ku buyobozi bwadutabaye."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko aba baturage batujwe muri Gatebe ya Mbere mu rwego rwo kubafasha kugira ngo badasigara mu iterambere.

Ni muri urwo rwego hakozwe ibyibanze kugira ngo bagire imibereho myiza, ariko ngo hakaba hakiri n'indi mishinga yo kubafasha igikomeza kubagezwaho.

Matsiko Gonzague, Umuyobozi w'Akarere ushinzwe ubukungu, yagize ati: "Hari byinshi byakozwe birimo kubakira aba baturage bimuwe turabatuza, tubagezaho iby'ibanze bibafasha mu buzima bwa buri munsi.

Birakomeje rero kuko ubu gahunda yo gutunganya umuhanda ubahuza na kaburimbo igeze kure ndetse mu mushinga mugari dufite mu gihe cy'amezi 18 na bo bazaba mu baturage basaga ibihumbi 26 tugiye guha amashanyarazi."

Yakomeje asaba aba baturage gutangira gukoresha neza amahirwe babona ndetse no kubyaza umusaruro ibikorwa remezo begerezwa ari na ko bagira uruhare mu kubibungabunga.

Abaturage bari batuye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga ahitwa Cyamunyana batujwe mu Midugudu ibiri irimo aha muri Gatebe mu Murenge wa Rwimiyaga, abandi batuzwa mu Kayange mu Murenge wa Karangazi.

Abari bafite amasambu aho bimuwe mu Cyamunyana baraguraniwe bayahabwa aho batujwe.

# Gicumbi: Buri mwero w'ikawa umwinjiriza hafi miliyoni 1 Frw

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mukankuranga Cecile w'imyaka 72 utuye mu Murenge wa Bwisige, Akarere ka Gicumbi aravuga imyato ubuhinzi bw'ikawa busigaye bumwinjiriza amafaranga y'u Rwanda akabakaba miliyoni imwe buri uko yejeje.***



**Mukankuranga yishimira ko ikawa yamuhinduriye ubuzima**

Uwo mubyeyi w'abana 5 avuga ko yatangiye guhinga ikawa mu mwaka wa 2018 ubwo yateraga ibiti by'ikawa 120 none uyu munsi afite ibirenga 3.000 bimwinjiriza amafaranga y'u Rwanda asaga 800.000 buri uko yejeje, yiyongeraho 300.000ava mu bihaza byera ku nzuzi yavanze mu ikawa.

Avuga ko byose abikesha umushinga Green Gicumbi wamuhaye amahugurwa, ingemwe z'ikawa n'inkunga y'ibanze yatumye atera intambwe yo kuba umuhinzi wa ikawa wabigize umwuga.

Yagize ati: "Umugabo wanjye yitabye Imana ansigira abana batanu. Nta bushobozi bwo kwinjiza amafaranga nari mfite, ni bwo nahisemo gutera ikawa. Natangiriye ku biti 120, nkuramo amafaranga yo kugura ibiribwa n'imyenda. Sinari nzi ko nagera aho mba umuhinzi wa ikawa wabigize umwuga."

Yongeraho ati: "Baje mu mirima yanjye nahingagamo amasaka n'ibishyimbo, batangira kuhatera ikawa zisaga ibihumbi 2,900. Nari nzi ko bazazinyishyuza cyangwa se ko Akarere kazazitwara, ariko si ko byagenze. Bamaze kuzitegura, barazinyeguriye."

Yemeza ko kuri ubu ikawa ari yo yamuhaye byose uhereye ku buzima bwiza, inzu, amatungo n'ubushobozi bwo gutanga akazi.

Mukankuranga yishimira ko ikawa imwinjiriza amafaranga menshi, aho ku gihe cy'isarura abasha kubona asaga 800,000 Frw. Uretse ikawa, yateye ibihaza hagati y'imirongo y'ibiti by'ikawa, agemura bikamwinjiriza amafaranga y'u Rwanda asaga 300,000 Frw ku kwezi.

KOMEZA KU RUP.18

## Gicumbi: Buri mwero w'ikawa umwinjiriza hafi miliyoni 1 Frw

IBIKURIKIRA URUP.17

Yagize ati: "Mu myaka maze mpinga ikawa, maze kwiyubakira inzu y'agaciro ka miliyoni 3 Frw, naguze ikindi gipimo cy'ibiti bya ikawa ku mafaranga miliyoni 1.5 Frw, ndetse naguze inka ya 900,000 Frw ikampa ifumbire. Ndashimira ubuyobozi bwiza bw'u Rwanda bwita ku muturage."

Mukankuranga asaba abagore bagenzi be kudasigara inyuma mu buhinzi bw'ikawa. Aragira ati: "Hari abagore bagifite imyumvire ko ikawa ari iy'abagabo gusa cyangwa ari igihingwa kigoye. Si byo, kuko ikawa ntisaba imbaraga nyinshi. Ni ukuyihingira, ugasasa neza."

Mukankuranga afite abakozi barindwi akoresha umunsi ku munsi, bityo akagira uruhare mu guhanga imirimo iwabo.

Kagenza Jean Marie Vianney, Umuyobozi w'umushinga Green Gicumbi, yemeza ko ibyakozwe na Mukankuranga ari urugero rwiza rw'uko umuturage ashobora kwiteza imbere igihe ahawe amahirwe.

Yagize ati: "Ikawa ifasha mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe kuko ifata imyuka ihumanya ikirere, igafata ubutaka kandi igatanga amafaranga. Dusaba abaturage gufata icyemezo cyo kuyihinga, cyane ko ishobora no guhingwamo ibindi bihingwa, uhereye kuri Mukankuranga wazamuwe n'ubuhinzi bwa ikawa avangamo ibihaza na byo bimuha amafaranga."

Umushinga Green Gicumbi wateye ikawa kuri hegitari 40 mu Mirenge 9 yo mu Karere ka Gucumbi uwo mushinga ukoreramo.

# Rutsiro: Umubiri w'uwazize Jenoside wabonywe hakorwa imirwanyasuri




Ibiro by'Akarere ka Rutsiro

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Ubwo abaturage bacukuraga imirwanyasuri mu Mudugudu wa Gatomvu, Akagari ka Murambi mu Murenge wa Gihango, Akarere ka Rutsiro, mu ma saa yine z'igitondo cyo ku wa Mbere tariki ya 2 Kamena 2025 babonye umubiri wa Soteri wazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Nyuma y'igenzura ryakozwe n'inzego z'ibanze, iz'umutekano n'iza Ibuka muri uwo Murenge n'ubuhamya bwatanzwe na Nsengiyumva Evariste uhagarariye Ibuka mu Kagari ka Murambi, yavuze ko uwo mubiri ari uw'umuvandimwe we, bityo, byemejwe ko ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nsengiyumva yabwiye Imvaho Nshya ko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye aba mu mujyi wa Rubavu afite imyaka 19, iwabo hari mu yari Segiteri Gihango. Uwo musore umubiri we wabonetse yitwaga Soteri wari ufite imyaka 13, se wa nyakwigendera yitwaga Karekezi Frédéric, akaba se wabo wa Nsengiyumva Evaritse, bivuze ko Soteri yari murumuna we wo kwa se wabo.

Yagize ati: "Kuko twakundaga kubonana kenshi, nari nzi imyenda ye, n'amakuru nakurikiye aho ngereye mu rugo kuko narokokeye mu mujyi wa Rubavu, bambwiye ko nta wundi waguye muri aka gace.

Umubiri we wabonetse mu isambu yanjye yari iya se nazunguye, ndebye ibimenyetso byose nsanga ni we, cyane cyane ko mu mibiri twari twabonye uwe twari twarawubuze."

Yongeyeho ati: "Aho twawukuye twari dusanzwe tuhahinga ariko kuko ari mu rutoki ntiducukure cyane. Ubwo bacukuraga imirwanyasuri bacukuye muri santimetero hagati ya 50 na 80 barawubona."

Avuga ko yishimiye kubona umubiri w'umuvandimwe we bari barabuze, batazi ko abamwishe bamujugunye aho mu isambu ya se, gusa hari amakuru bajyaga babwirwa ko ari ho yari yihishe, abamwishe ari ho bamwiciye bakahamutaba, ariko ntibamenye aho ari ho neza.

Ati: "Haracyari abandi 5 ntarabona barimo se w'uriya twabonye, wahunze ibitero by'interahamwe ntitwongere kumenya ibye, tukaba tutazi aho yaguye. Nyakwigendera Soteri ibice byose by'umubiri we twabibonye n'ipantalo n'umupira yari yambaye ndabibona, ndabimenya, ngasaba uwaba azi amakuru y'abo bandi ntarabona kuyampa na bo tukabashyingura mu cyubahiro."

Avuga ko uwo mubiri wajyanwe mu Biro by'Akagari ka Murambi gutunganywa, bategereje igihe ubuyobozi buzababwirira cyo kuwushyingura mu cyubahiro.

Uhagarariye Ibuka mu Karere ka Rutsiro, Niyonsenga Philippe, yavuze ko nka Ibuka bishimiye iboneka ry'uyu mubiri, asaba ko n'ahakiri indi abahafitiye amakuru bayatanga, aho kujya iboneka gusa bakora ibikorwa remezo kandi abafite amakuru bahari.

Ati: "Nka Ibuka twishimiye ko mu mibiri myinshi twabuze hari uwabonetse, akarusho kakaba ari ukuba twamenye izina rye."

Yongeyeho ati: "Nk'abarokotse tubabazwa cyane nuko kugeza ubu imibiri tubona yose iboneka ari uko hari ibikorwa remezo by'amajyambere biri gukorwa nyamara Jenoside yarabaye ku manywa y'ihangu abantu bose bareba, n'iyo mibiri iboneka iva mu mirima y'aho abaturage bari batuye."

Umukozi w'Umurenge wa Gihango ushinzwe irangamimerere na notariya Sekadende François, yasabye abafite amakuru y'ahari imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro kuyatanga, kuko na we asanga bibabaje cyane kuba nta mubiri uboneka ari amakuru atanzwe ahubwo ikaboneka mu ikorwa ry'ibikorwa remezo.

Ati: "Turasaba abaturage bafite amakuru y'imibiri itaraboneka kuyatanga igashakishwa igashyingurwa mu cyubahiro, bakaruhura imitima y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko ibyo bikibateye intimba ikomeye."





# Karongi: Abantu 19 bafatanywe magendu zirimo amashashi n'imyenda ya caguwa

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abantu 19 bo mu Midugudu y'Utugari twa Ryaruhanga na Nyagatovu, mu Murenge wa Mubuga, Akarere ka Karongi, batawe muri yombi bafatanywe ibirimo ibilo 300 by'imyenda ya caguwa, litiro 423 za mazutu, amashashi n'ibindi bya magendu, bavuga ko baba babikuye muri RDC baje kubicuruza mu baturage.***



Iyi ni imyenda ya caguwa binjije mu buryo bwa magendu

Mu byafashwe nk'uko umuturage w'Umudugudu wa Ryaruhanga, Akagari ka Ryaruhanga yabibwiye Imvaho Nshya, Harimo ibilo 300 by'imyenda ya caguwa, ibilo 60 by'inkweto za caguwa, litiro 423 za mazutu n'ibindi.

Ati: "Banafatanywe amashashi 1600, inzoga 85 za samba, disike 2 z'imodoka, n'ibindi, babifatanwa ku makuru yatanzwe n'abaturage, ko hari muri bo abatakiryama, barara bambutsa magendu, hari n'impungenge ko bashobora kuzana n'ibiduteza umutekano muke."

Avuga ko abenshi muri bo ari urubyiruko ruri munsi y'imyaka 30, barimo n'abari basanzwe bakekwaho kwiba mu baturage.

Ati: "Ikibazo cy'ubujura n'ubucuruzi bwa magendu muri uyu Murenge dusanzwe tukigaragaza, ubuyobozi natwe abaturage tugafatanya ngo turebe ko byacika ari yo mpamvu bariya bafashwe ku makuru abaturage batanze."

Umuturage wo mu Mudugudu wa Ryarugenzi na we ati: "Turashimira cyane ubuyobozi n'inzego z'umutekano ku bw'iki gikorwa cyo gufata aba bacuruzi ba magendu n'ibyo bacuruza, kuko nk'aya mashashi yaciwe bagenda binjiza mu gihugu buhoro buhoro,t urangaye twazasanga yongeye kuba menshi kandi ububi bwayo nta muturage utabuzi."

Yakomeje avuga ko nk'abaturage baturiye ikiyaga cya Kivu, bakangutse mu kurwanya ubu bucuruzi butemewe, buhombya igihugu, akavuga ko n'abandi babujyamo, batazihanganirwa kuko babikora bataha mu Midugudu, bagera aho bakamenywa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mubuga, Uwimana Phanuel, avuga ko bafashwe ku makuru yatanzwe n'abaturage, akabashimira gutangira amakuru ku gihe atuma abakwirakwiza magendu mu baturage bafatwa.

Ati: "Bafatiwe mu Murenge wacu wa Mubuga. Bitwikira ijoro bakabyambutsa babikuye mu gihugu cy'abaturanyi, bazi neza ko magendu itemewe. Bahise bajyanwa kuri sitasiyo ya RIB ya Gishyita."

Avuga ko mu byo bafatanywe harimo mazutu kandi hamaze iminsi hagenda havugwa inkogi z'umuriro mu nzu z'abaturage n'iz'ubucuruzi hirya no hino muri iyi ntara, akenshi zitwikwa n'izo mazutu na lisansi za magendu baba bashyize mu nzu.

Ati: "Ibyo byose rero bigira ingaruka ku baturage, kimwe n'amashashi bagarura kandi Leta yarayaciye kubera ko yangiza ubutaka ,ukongeraho n'izo nzoga n'ibindi nk'ibyo, ntitwabirebera. Ababifatiwemo barahanwa."

Yakomeje avuga ko ubucuruzi bwa magendu ari ikintu cyo kurwanya cyane, asaba abaturage kuyirinda, bakanihutira gutanga amakuru aho bayiketse cyangwa bayibonye, no kubireka inzira zikigendwa kuko uzafatwa azahanwa kandi ibihano bikakaye.

# Nyabihu: Ishuri ryigisha rinatanga umusanzu w'ubuvuzi bw'amatungo muri Gishwati

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Aborozi bororera amatungo yiganjemo inka mu nzuri zitandukanye za Gishwati mu Karere ka Nyabihu, baravuga imyato Ishuri ry'Ubumenyingiro n'Ikoranabuhanga rya Bigogwe (Bigogwe TSS) ryabazaniye igisubizo cy'ubuvuzi bw'amatungo yabo.***



Inka zo mu nzuri za Gishwati zungukiye ku iyubakwa ry'ishuri rya Bigogwe TSS

Bavuga ko abanyeshuri biga mu ishami ry'ubuvuzi bw'amatungo ari bo bita ku matungo yabo, uretse no kuba iryo shuri ryaragize uruhare mu iterambere ry'imibereho y'abarituriye mu buhinzi n'ubworozi muri rusange.

Bigogwe TSS ni ishuri ryatangiye mu mwaka wa 2002 riherereye mu Murenge wa Bigogwe mu Karere ka Nyabihu, agace ahanini n'aborozi b'inka. Muri uyu mwaka rimaze kwita ku nka zikabakaba 160, aho mu myaka itatu ishize begera abaturage izo bamaze kwitaho na zo zigera kuri 400.

Kamanzi Eliab, umwe mu bororera mu nzuri za Gishwati, ashimangira ko guturana n'iki kigo cyabakuye mu bibazo bahuraga na byo mu myaka yashize.

Yagize ati: "Guturana na Bigogwe TSS ni ibintu by'agaciro cyane. Mbere amatungo yacu yararwaraga tukabura ubufasha, ariko ubu abanyeshuri biga ubuvuzi bw'amatungo baza kutugoboka bakazitera imiti ndetse bakanaziha vitamini."

Yakomeje agira ati: "Mu myaka ya 1980 nta n'umunyeshuri wabaga waza mu nzuri, kandi n'abigishaga ubuveterineri ntibatugeragaho. Ubu ibintu byarahindutse, inka zacu zifite ubuzima bwiza, kandi ubworozi bwateye imbere."

Umwe mu banyeshuri biga kuri TSS Bigogwe, yavuze ko na bo bungukira mu gukora imyitozo ngiro bifashishije amatungo y'aborozi baturiye ishuri.

Yagize ati: "Turafasha abaturanyi bacu cyane cyane aborozi, tukabigisha uko bita ku matungo yabo, tukabereka uko bayakingira, uko bayavura ndetse n'uko bategura ibiryo bifite intungamubiri ku matungo."

Kalinijabo, umwe mu rubyiruko ruturiye ishuri, avuga ko yahakuye ubumenyi bwamufashije guhindura uburyo yahingagamo.

Yagize ati: "Iki kigo kiduha amahugurwa ku buhinzi. Njye ndi umuhinzi w'ibirayi, nahakuye ubumenyi butuma menya uko nabyitaho n'uko narwanya indwara zibyangiza. Ubu ndabona umusaruro wanjye wiyongera."

Umuyobozi w'iri shuri Maniraguha Premier, avuga ko ubufatanye n'abaturage bubafasha kugera ku ntego zo kwigisha abanyeshuri bifashishije ibibazo bifatika byo mu buzima bw'ukuri.

Ati: "Tudafashije aborozi bo mu Gishwati kugira amatungo meza, natwe twaba twikururira ibibazo, kuko amata abanyeshuri bacu banywa aturuka kuri abo borozi. Ni yo mpamvu tubagira inama, tukabafasha uko dushoboye."

Ari ubuyobozi n'abaturage bwako Karere bushimira ibikorwa by'iryo shuri bitanga umusanzu mu buhinzi n'ubworozi, hagamijwe guteza imbere imibereho y'abaturage.

# Miss Uwase Raissa Vanessa yasabwe aranakobwa



Dylan Ngenzi na Miss Uwase Vanessa Raissa bari kumwe n'ababashagaye



Miss Uwase Raissa Vanessa yasabwe, anakobwa na Ngenzi Dylan

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ibihe bikomeje kuba byiza ku bakobwa baciye mu irushanwa rya Miss Rwanda, aho kuri ubu Miss Uwase Raissa Vanessa wabaye Igisonga cya mbere cya Miss Rwanda mu 2015, yasabwe anakobwa na Ngenzi Dylan mu birori byabereye kuri 'Jalia Garden'.***

Kuri uyu wa 7 Kamena 2025 ni bwo ibirori by'imisango yabereyemo gusaba no gukwa Miss Vanessa yabaye.

Urukundo rw'aba bombi rwagiye ku mugaragaro tariki 27 Nzeri 2024, ubwo Dylan Ngenzi yambikaga impeta y'urukundo Miss Vanessa bari bamaze igihe bakundana, ibyo benshi bashidikanyijeho kubera amateka uwo mukobwa yari afite mu rukundo, aho yagiye yambikwa impeta n'abo bakundanye akagenda azikuramo bitewe no kugira ibyo batumvikanaho.

Iby'umubano wabo byafashe indi ntera binatangaza icyizere ku bakunzi babo n'imiryango yombi, ubwo umuryango wa Dylan Ngenzi woherezaga intumwa mu wa Miss Vanessa gusaba no gufata irembo, mu muhango wabaye muri Werurwe 2025.

Ni urukundo bombi bakunze kugira ubwiru kubera ibikomere Miss Vanessa yari yaragiriye mu rukundo, kubera ko umubano wabo bawushyize ahagaragara nyuma y'imyaka irindwi baziranye kuko bamenyanye mu 2018.

Umuhanzi Massamba Intore ni we waririmbiye umugeni ubwo yerekezaga aho imiryango yombi yari iteraniye aje kuramukanya nyuma yo gusaba no gukobwa, mu gihe ibirori byasusurukijwe n'Itorero Inganzo Ngari.

Biteganyijwe ko nyuma y'ibirori byo gusaba no gukwa bizakurikirwa n'ibyo guhekerwa umugeni biteganyijwe ku wa 14 Kamena 2025.

# Christopher yateguje indirimbo ya mbere kuri Alubumu nshya

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Muneza Christopher yatangaje izina rya Alubumu amaze imyaka 9 ahugiye mu mushinga wo kuyitunganya, anateguza abakunzi be indirimbo ya mbere kuri iyo Alubumu mu bihe bya vuba.***

Abinyujije ku mbuga nkoranyambaga, bwa mbere Christopher yabwiye abamukurikira izina ry'Alubumu ye.

Yanditse ati: "Bagore namwe bagabo izina rya Alubumu ni "H2O" indirimbo ya mbere irabageraho vuba."

H2O ni ijambo rikoreshwa cyane mu isomo ry'Ubutabire (Chemistry) rikaba risobanura "Amazi".

Hari amakuru avuga ko indirimbo ya mbere yitegura gushyira ahagaragara kuri iyo Alubumu H2O, ishobora kuba yitiranywa na Alubumu.

Uyu muhanzi agiye kumara igihe kirenga umwaka adashyira ahagaragara indirimbo kuko yabiherukaga tariki 29 Mata 2024, ubwo yahashyiraga iyitwa 'Vole'.

H2O igiye kuba Alubumu ya gatatu ya Christopher nyuma y'iyo yise 'Habona' yamuritse mu 2013 n'indi yise 'Ijuru rito' yagiye ahagaragara mu 2017.



Umuhanzi Muneza Christopher yatangaje izina rya Alubumu yari amaze igihe ahugiyeho





**SHEMA Ivan**

# BAL 2025: APR BBC yatsinze Petro de Luanda mu mikino ya nyuma ya Kamarampaka

***APR BBC ihagarariye u Rwanda mu mikino ya nyuma y'Irushanwa rya Basketball Africa (BAL 2025) yatsinze Petro de Luanda yo muri Angola amanota 75- 57 mu mukino wo kugena uko amakipe akurikirana n'uko azahura muri ¼.***

Uyu mukino wabaye kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 7 Kamena 2025, muri SunBet Arena mu Mujyi Pretoria muri Afurika y'Epfo.

Petro de Luanda yatangiye neza umukino maze yegukana agace ka mbere iyoboye n'amanota 19 kuri 11 ya APR BBC.

Ikipe y'Ingabo yagarukanye imbaraga mu gace ka kabiri, Aliou Diarra atsinda amanota menshi. Aka gace yagatsinzemo amanota 26 kuri 14.

Igice cya mbere cyarangiye APR BBC yatsinze Petro de Luanda amanota 37-34.

Iyi kipe yakomeje gukina neza Nuni Omot, Youssoupha Ndoye na Ntore Habimana bakorera mu ngata Diarra bityo iyi kipe ikomeza kuyobora umukino yongera amanota.

Ku rundi ruhande, Petro yagaragazaga imbaraga nke kuko amanota atatu na rebound byose byari byanze.

Aka gace karangiye APR BBC ikomeje kuyobora n'amanota 61 kuri 46 ya Petro de Luanda.

Mu gace ka nyuma, APR BBC yakomeje kugendera muri uwo mujyo ibifashijwemo na Aliou Diarra, Nuni Omot na Obadiah Noah.

Petro de Luanda yagerageje kugabanya ikinyuranyo ariko ubwugarizi bwa APR BBC bukomeza guhagarara neza.


Umukino warangiye APR BBC yatsinze Petro de Luanda amanota 75- 57 mu mukino wo kugena uko amakipe akurikirana n'uko azahura muri ¼.

Muri ¼, iyi kipe y'Ingabo yafashe umwanya wa gatanu izahura n'izaba iya kane, mu gihe Petro de Luanda yabaye iya gatandatu izahura n'iya gatatu.

Kugeza ubu amakipe azi uko azahura ni Al Ittihad yo mu Misiri izahura na FUS Rabat yo muri Maroc, Al-Ahli Tripoli yo muri Libya izahure na Kriol Star yo muri Cap-Vert.



APR BBC ihagarariye u Rwanda mu mikino ya nyuma y'Irushanwa rya Basketball Africa (BAL 2025) yatsinze Petro de Luanda yo muri Angola



Perezida wa APR BBC, Richard Mulefu n'Umunyamabanga w'iyo kipe, Eric Salongo bakurikiye umukino



Chasson Randle agezerageza gutsinda amanota atatu



Aliou Diarra yongeye kugira umukino mwiza atsinda amanota 19 akora na rebound 14

Imvaho Nshya
# Siporo



**NO .E-16 TARIKI 03 - 09 KAMENA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw**

# *U Rwanda rwegukanye Umudali wa Zahabu muri 'KIPM 2025'*

**SHEMA Ivan**

***Nyuma y'imyaka itatu, u Rwanda rwongeye kwegukana Umudali wa Zahabu muri "Kigali International Peace Marathon 2025" Umunyakenya, Laban Kipngetich Korir, yongeye kwegukana iri rushanwa nyuma yo kuba uwa mbere muri Full Marathon y'ibilometero 42,1 mu bagabo.***

Ni ku nshuro ya kabiri yikurikiranya Laban yegukanye iri rushanwa ryabaga ku nshuro yaryo ya 20 kuva mu 2005.

Iri rushanwa ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo, uyu mwaka ryari rifite insanganyamatsiko igira iti "Isi yose i Kigali na Kigali ku Isi yose."

Ku nshuro yayo ya 20 kuva ikinwe bwa mbere mu 2005, Kigali International Peace Marathon ya 2025 yatangiriye kuri Stade Amahoro ku Cyumweru tariki ya 8 Kamena 2025 saa mbiri za mu gitondo.

Yatangijwe na Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire, ari kumwe n'abandi bayobozi barimo Minisitiri w'Ubuzima Dr Sabin Nsanzimana, Minisitiri w'Umurimo n'Abakozi ba Leta, Amb. Christine Nkulikiyinka, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette na Perezida w'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Imikino Ngororamubiri, Lt Col (Rtd) Kayumba Lemuel.



**Umunyarwandakazi Florence Niyonkuru yegukanye umudali wa Zahabu muri kimwe cya 2 cya Marathon**

Iri siganwa ryakinwe mu byiciro bitatu ari byo 'Full Marathon' y'ibilometero 42,195 yitabiriwe n'abarenga 1 314, Half Marathon y'ibilometero 21,097 ikinwa n'abarenga 1 836 na Run for Peace [ku batarushanwa] y'ibilometero 10 yiyandikishijemo abarenga 11 730.

Irushanwa ry'uyu mwaka ryitabiriwe na bamwe mu bakinnyi bari mu 100 ba mbere ku Isi muri Full Marathon na Half Marathon mu bagabo n'abagore.

Abasiganwe muri Full na Half Marathon bahagurukiye kuri Stade Amahoro berekeza Gishushu-RDB-Mu Kabuga ka Nyarutarama- RDB-Meridien Hotel-Kigali Heights- ku Kabindi- Primature Round About- Ku Kabindi- University of Kigali– Kigali Convention Centre- Gishushu-Gisimenti- Rwahama-Simba (Kimironko)– Contrôle Technique, basoreza kuri Stade Amahoro.

Umunyarwandakazi Florence Niyonkuru yegukanye umudali wa Zahabu nyuma yo kuba uwa mbere muri Half Marathon akoresheje isaha imwe iminota 14 n'amasegonda 57.

Yakurikiwe na Adeline Musabyeyezu wakoresheje isaha imwe iminota 14 n'amasegonda 18, uwa gatatu yabaye Cheruiyot Vivian Jepkogie warushijwe iminota ibiri n'amasegonda 47.

Mu bagabo, Umunyarwanda Bigiramana Theophile yegukanye umudali wa Bronze nyuma yo kuba uwa gatatu muri Half Marathon akoresheje isaha imwe, iminota irindwi n'amasegonda 34.

Ni mu gihe Umunyakenya Njoroge Derrick Chege yegukanye umudali wa Zahabu amurushije iminota ibiri, naho uwa Feza utwarwa na Gilbert Kamutwire wamurushije iminota ibiri n'amasegonda 21.

Umunyakenya Laban Korir yongeye kwegukana 'Kigali International Peace Marathon 2025 'mu bagabo akoresheje amasaha abiri, iminota 18 n'amasegonda 25.

Yakurikiwe na mugenzi we Kipkrui Langston wakoresheje amasaha abiri, iminota 25 n'amasegonda 58, uwa gatatu yabaye Umunya Ethiopia Tadese Mano Temechachu wakoresheje amasaha abiri n'iminota 21.

Mu bagore uyu mwanya watwawe n'Umunyakenya Teresiah Omosa akoresheje amasaha abiri, iminota 37 n'amasegonda 12, akurikirwa n'Umunya Ethiopia, Kebene Chaka warushijwe amasegonda arindwi, mu gihe Ivyne Jeruto Lagat Jeruto na we wo muri Kenya yabaye uwa gatatu arushwa umunota n'amasegonda abiri.

Umukinnyi wegukanye Full Marathon mu bagabo n'abagore yahawe ibihumbi 20 by'amadolari ya Amerika [asaga miliyoni 28 Frw]. Uwa kabiri ahabwa ibihumbi 15 by'amadolari naho uwa gatatu atwara 7500 by'amadolari.

Uwa kane yabonye 5000 by'amadolari ya Amerika, uwa gatanu abona 3000$ mu gihe kuva ku wa gatandatu kugeza ku wa munani bahawe amadolari 2000, 1500 n'amadolari 1000.

Mu basiganwe igice cya Marathon [ibilometero 21,098], uwa mbere mu bagabo no mu bagore yahawe amadolari 5000 [asaga miliyoni 7 Frw].

Uwa kabiri yabonye amadolari 4000, uwa gatatu ahabwa 3000. Kuva ku mwanya wa kane kugeza ku wa munani bahawe amadolari 2000, 1000, 800, 500 n'amadolari 400.

Ni ubwa mbere Marathon Mpuzamahanga ya Kigali yitabiriwe n'abantu benshi aho uyu mwaka yitabiriwe n'abakinnyi 100 ba mbere ku Isi muri Full Marathon na Half Marathon mu bagabo n'abagore.